



N°29

IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO  
KURENGERA RUBANDA  
NYAMWINSHI.

KA02 1558



Intwaro y'abatutsi ijeje uburundi ku manga  
ntagahora gahanze. Donati wayoboraga  
ibiro bikuru by'iperereza imbehe ye yubamye  
atunguwe.  
Kintu bwayo citoza

- INTWARO Y'ABATUTSI IGEJEJE UBURUNDI KU MANGA
- NTAGAHORA GAHAZZE. DONATI WAYOBORAGA  
IBIRO BIKURU BY'IPEREREZA IMBEHE YE YUBAMYE  
ATUNGUWE.
- PEREZIDA HABYARIMANA NA BUVOYA NTIBABWI-  
ZANYA UKURI
- PEREZIDA HABYARIMANA ABANYENDUGA BA-  
MUKINNYE UMUTWE NTIYASOBANUKIRWA.

# KUKI ABAHUTU BENE WACU BAPFA NTITUBAHORERE KU-KO NATWE TWICWA URUBOZO NK'UKO BIMEZE I BURUNDI?

KA02 1559



*Ubu turimo tubagezaho iyi Kangura, i Burundi Abahutu bari-cwa urubozo ntihagire n'umwe ubavuganira. Kuko uko ingoma ntutsi zagiye zikurikirana muri icyo gihugu Abahutu bakomeje kwicwa urubozo.*

*Nkuko twagiye tubibagezaho mu nimo zacu zahise, ubu ho bitemye isoni. Filipo REJENSI, Umu-biligi watumwe n'Umuryango Mpuzamahanga Wita ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu gukora anketi ku iyicwa ry'Abahutu i Burundi, yasanze iyo hapfuye Abahutu bake, batajya munsi ya 250 ku munsi.*

*Igitangaza ngo ni uko hari aho bagiye bahamba abantu nka 300 mu rwobo rumwe ! Ibyo byabonywe n'izo ntumwa ubwo zihertse i Bujumbura ! Twizeye ko ziriya ntumwa zizabwira amahanga akakababaro k'Abahutu bo mu Burundi. Kandi amahanga yose agafasha Abahutu kwibohora ku ngoyi y'ubutegetsi bwa Gatutsi. Cyane cyane amahanga akiyama abutegetsi b'i Burundi bakomeje kugenda bategeka Abatutsi bo mu ntara zose ngo bice Umuhutu aho ari hose.*

*Kuki u Rwanda rwafunze I-byitsi amahanga agasakuza ? Ni ukubera ko Abatutsi babyara I-nyezi bafite amayeri menshi yo guhakwa ku bazungu, kandi Abatutsi aho bari hose bagahora bunze ubumwe. Aho bahuriye hose bakumva ko buhuje ibibazo, ntihagire Umututsi ugira akarere cyangwa*

*igihugu. Bose bakiwa bamwe. Ni muri urwo rwego rero Abatutsi bose bo ku isi bahagurukiye rimwe kugirango bumvishe amahanga ko Abatutsi bashize. Mugukwiza ibyo binyoma Abatutsi babifashwamo n'aba Perezida b'Abatutsi nka Bu-yoya na Museveni. Ubwo Abatutsi bagateranya amafaranga yo kuguri ra abanyamakuru bo mu mahanga ngo baze kuvuganira indashima z'Abatutsi. Ubwo kandi nibwo babu-nza n'ibigambo bitera uwoba Abahutu bugambiriye kubyutsa i-mvuru. Ntibananenye ko hari na benewabo bashobora kuzigwamo. Bo bakishimira gusa guhuruza amahanga ngo barahohoterwa.*

*Ni ayahemakosa yakozwe n'abategetsi b'u Rwanda muri kiri-ya kibazo ? Niba koko u Rwanda rufite inzego zishinzwe lperereza, rwagombye kuba rufite ibimenye-tso byerekana uruhare ubutegetsi bw'Abatutsi b'i Burundi bwagize muri iyi ntambara Abatutsi bose bo ku isi bagabye mu Rwanda. Ubutegetsi bw'u Rwanda ndetse bu-kaboneraho umwanya wo kwereka amahanga ko amadisikuru menshi avugwa n'abategetsi b'i Burundi yerekanye n'iyi ntambara arangwa n'ibinyoma gusa. None se ibigambo Buyoya yakomeje kubwira ubutegetsi bw'u Rwanda ntibitangiye kugaragara ko byose byari ibinyoma gu-sa !*

*abantu bacu bahungiye muri Ambasade y'u Rwanda, hari uyo-bewe ko bishwe urw'agashinyaguro ? Ubwo iyi ntambara yarangije kugaragaza neza ishusho yayo ntibagombye kudutera ibibazo. Niba tuzi neza ko Museveni acumbikiye Inkotanyi zidutera, habuze iki ngo natwe ducumbikire abantu bifuza kurwanya Museveni ? Nyamara twahavana insinzi y'iyi ntambara cyane cyane igithe twafatanya n'Abaganda nyabo barambiwe igitugu cya Gatutsi Museveni.*

*Niba se ibyo bidashobotse, ko dufite ibimenyetso bigaragaza ko u Burundi bucumbikiye Inkotanyi, ndetse n'ibigo Inyenzi-ntutsi zitorerezamo bikaba bizwi. Kiriya kibazo nyamara twakibwira ubutegetsi bw'i Burundi bugakomeza kuturimanganya, twebwe twakweruye tuga-fatanya n'Abahutu b'i Burundi mu kurwanya Inyenzi-ntutsi aho ziba hose ku isi. Ese ko mu Kirundo uraho hari ikigo gikomeye cy'Inkotanyi, twe twafashe Abarundi babyifuza tukabatoreza mu Bugesera hafi ya Kirundo maze tukareba ko Buyoya ataza gupfukamira Abahutu bo mu Rwanda. Amahirwe twahagirira ni uko Abarundi batatinuka kudutera kuko Abahutu baboneraho umwanya wo guhirika igitugu cy'ubutegetsi bw'Abatutsi bo mu Burundi.*

*Ibi biragoye ku butegetsi bwa Padiri HABYARIMANA na nubusa nk'aho yirengagiza ko turwana n'Abatutsi bose bo mu karere k'Afurika yo hagati, bashaku kudutegekera muri cya gihugu Hima-Nzozi,*

*Ni iki kizakiza Abahutu bo muri aka karere ? Umuti ni uko HABYARIMANA yafata ibyemezo bitazuyaza, akareba uko KAYIBANDA yari yabyifashemo. Kandi kumwigana mu gushyira Abatutsi mu myanya yabo nta gisebo kirimo. Mwibuke ko ku butegetsi bwa KAYIBANDA u Burundi bwatinyaga u Rwanda. Aha bikaba bitumvikana ukuntu HABYARIMANA ariwe wari Minisitiri w'Ingabo wa KAYIBANDA none ubu yakubitiraho kuba ari na Perezida w'u Rwanda, akaba ariho Abarundi badukora mu jisho. None se ubutegetsi butihagazeho bwazagezahé ko mu butwari Ir:gabo z'u Rwanda zo zerekanye ko zitavogerwa ? Abanyapolitiki nabo ubu bagombye kwikubita agashyi, bakerekana ubuhanga*

*bwabo. Abategetsi bo mu Rwanda bagombye kumenya ko Abahutu b'i Burundi nibashira noneho ubutegetsi bw'i Burundi buzafatanya n'amashyaka y'Abatutsi akorera mu Rwanda maze ak'Abahutu kagashoboka. Ngaho rero nibakore iyo bwabaga cyangwa begure.*

*Ese kuki tumaze umwaka tutararega u Buganda ibyo budukorera? Reka rero tuzatange ikirego cyacu nta shingiro kigifite maze baduseke. None se koko ubu tuzajya kurega Museveni muri Loni ari uko Inkotanyi zatumazeho Abahutu?*

*Ese ko u Burundi bwatureze ibihuha, ubwo twabutinya none u-*

*bwoba bukaba bwarashize, habuze iki kugirango tuburegere amahanga? Reka rero tuzibuke kuburega ari uko Abahutu bamaze gushira. Umugetsi udashaka gufasha Abahutu yagombye gutanga umwanya vuba. Aha mumenye kandi kari bo benshi. Si ukuvuga ko Abatutsi bakwimwa ibyo amategeko abemerera. Gusa icyo mbivugiye ni uko Abahutu bugarijwe n'urupfu rw'urubozo bategurirwa n'Abatutsi babyara Inyenzi–Nkotanyi.*

*ORINFOR muri aya mezi ya nyuma yagaragaje ko igomba gushyira ukuri ahagaragara. Yerekana*

*uko ibibazo biteye, ku buryo amatangazo yayo yatumye Abahutu bose bagarurirwa icyizere. Umuyobanzi wayo nakomereze aho kuko agikomeye kandi anashyigikiwe. Gusa ntiturumva impamvu abanyamakuru ba Radiyo Kwanda banze guhitisha amajwi yafashwe mu mpunzi z'Abarundi zahungiye mu Rwanda. Ese kuki agahinda k'abo benewacu katajya ahagaragara, ngo nibura bose bamenye urupfu rw'abo bene wabo? Yewe abategetsi bagitinya Abatutsi kubera inyungu zabo bagombye kwegura mbere y'uko Demokarasi ibahirika.*

*Ubwanditsi.*

## **NYAMARA BUYOYA YARI AGIYE KWEMERA PALIPEHUTU KU MUGARAGARO.**

Ubushize nababwiye nti; abahutu b'i Burundi nibakomeza kwicwa, u Rwanda rukihorera; abatutsi b'i Burundi, bazarangiza kwica abahutu baho, bazasingira natwe, none ngibyo byatangiye, bahereye ku banyarwanda bene wacu b'abahutu baba i Burundi.

Kugeza ubu, sinyumvira igisigaye kugira ngo u Rwanda rwemere kandi rwemezeko, bariya bahutu b'i Burundi bashinze ishaka rya PALIPEHUTU, bari bafite ishingiro kuba barashinze, n'uko babona ko barenganwaga; aho bigeze rero u Rwanda rukwiye kwemera kumugaragaro ko PALIPEHUTU, ari ishaka riharanira kubohoza ikiremwa muntu, kandi noneho dore na BUYOYA, ubwo yari mu Bufaransa, yari agiye kubonana na Perezida wa PALIPEHUTU, iyo mibonano yabo, yari iteganijwe kw'itariki ya 24 y'ukwezi kwa cumi na kumwe saa tanu zo kumanwa, none se na Perezida Buyoya, kuba yari yemeye kuja kubonana na PALIPEHUTU, n'uko yari amaze kwemera ko ibaho, n'ubwo iyo mishikirano

itabayeho kubera icy'u Burundi bwise ngo bwatewe na PALIPEHUTU, umuntu yakwibaza niba Palipehutu koko yaba ariyo yateye, mu gihe yari igiye kugirana na Buyoya imishikirano.

Abantu bamwe ngo, bariya bantu bashize ririya shaka bagashiramo HUTU; ibyo ndumva tutobitindaho. Nikureba icyatumye bariya bantu bashizemo kariya kantu ka HUTU, ngirango namwe murabyumva nkuko nanje mbyumva, niba abahutu b'i Burundi bakunze kwicwa, nkuko Palipehutu nyene, ibyivugira ko, bakunze kwicwa kuva bakimara kubona ubwigenge muri 62, kugeza nubu bakicwa urwakabozo kandi abapfa ari abahutu gusa, bicwa n'abatutsi bityita benewabo b'abahutu, utagirango harimo umuzungu cyangwa undi munyamahanga (yaba uwo muri Afrika cyangwa hakurya y'amazi magari) birumvikana rwoseko, abahutu b'i Burundi bari bakwiriye gushinga iyo shaka ryabu rya PALIPEHUTU, kugirango bose barihirireho, muri make rero

abo barundi bose babahutu bariho bicwa urwa agashinyaguro n'urubozo ndetse n'abo bose bameze neza ari abari mu gihugu hagati cyangwa mu mahanga bagombye kumenya ko PALIPEHUTU, ariyo shaka ryabu rizobaregera, kuko niryio shaka ryemeye rigahangara rikavuga amabi, ubwicanyi, ubugome n'uburyarya abatutsi bakunze gukorera abahutu. Hari n'ikindi, abahutu b'i Burundi ndetse n'abo mu Rwanda mutari muzi n'ubwo u Rwanda rwitwa ngo rugengwa n'abahutu; iyo PALIPEHUTU itaza kubaho ngo ikomeze kujya iratwereka ubugome n'ubwicanyi bw'abatutsi, abahutu bose bo muri Afrika central, twari kuzabona abatutsi batumaze. Nico gituma rero aho bigeze PALIPEHUTU ariyo gushigirwa n'isi yose cyane cyane iyo Afrika yacu yo hagati, ihereye ku Rwanda kuko arirwo ruzineza icyo kibazo u Burundi busangiye n'u Rwanda, ntibagiwe Zaïre na Tanzania.

KUPENGE Hassan  
Bujumbura Burundi

# IBYITSO BY'I NYAMATA BIKOMEJE GUKORA ABAHUTU MU JISHO.

KA02 1561

Kuva iyi ntambara twakururi-weho n'inyenzi ntutsi yatangira hari abantu benshi bafatanije n'umwa nzi kugira ngo bakunde bagarure ingoma ya gihake mu Rwanda. Abantu abenshi ubu ni abayoboke ba P.L.

Muri uko gufatanya n'umwanzi, i Nyamata ba Gahima F. bo muri P.L. bafite amayere menshi. Uretse gushaka abana b'abatutsi bajya gufasha inkotanyi k'urugamba, noneno biriya byitso bisigaye bitega bya mine abategetsi b'i Nyamata. Dore nka le 17/12/1991, mu muhanda Burugumesitiri wa Kanzenze anyuramo agiye ku kazi, mu ma saa kumi n'ebiyiri za mu gitondo cya mine gitegwa imodoka cyaturikanye imodoka y'umucuruze wari uzindutse agiye guhaha. Ngo hafi y'aho icyo gisusu cyaturikiye hatraguwe ikindi gisusu ariko cyo gitegwa abagendesha amaguru. Aba-

sirikari babonye ibyo bisasu bemeje ko ari ubwoko bwa za mine inkota nyi zikoresha.

Ikindi kigaragaza ko biriya bisasu bitegwa n'ibyitso by'inkotanyi byayobotse P.L. ni uko hari umuyoboke wa P.L. w'i Nyamata wafashwe atera ubwoba abahutu kandi yambaye imyenda ya gisirikari inkotanyi zamuhaye. Ngo uwo mututsi witwa Ruzigamanzi Anasitazi yashakaga kwereka abandi ko abatutsi bose bazi gukoresha imbunda.

Ariko se koko biriya byitso bizakomeza kwica bene wacu, no guturitsa imodoka zihahira abanya-rwanda benshi maze natwe duko-meze tubasekere ? Biriya byitso by'i Nyamata byagombye rero kumenya ko bitava amata.

Twizeye ko inzego zishinzwe umutekano zizatahura bariya bagizi ba nabi kandi urwobo bashaka gucukura Burugumesitiri wa Kanzenze akaba aribo baruhambwamo. Aho kugira ngo biriya byitso biko meze kutwihishamo, njye nabigira inama yo kujya gufatanya n'inkotanyi zidutera ziturutse mu Buganda. Ganimo n'agatsiko ke bagombye kwisubiraho, kuko abahutu batazakomeza kwihanganira buriya bushotoranyi bwa ziriya mpyisi ziturira abana zikaturusha uburakari.

Bariya batutsi bakomeje gushotora abahutu bakabihorera, noneho bize amayere yo kubwira umwe muribo ngo niyitakishe avuga ko yatewe n'abahutu. Kugira ngo bakunde babone ibinyoma byo ku beshya amahanga. Ngo abahutu barahohotera abatutsi, kandi azi neza ko bene Gahutu babeshyerwa.

RUBERA Papias.

## MURI MDR NA MRND HAYUNGURURWAMO ABARWA-NASHYAKA NYABO BA RUBANDA NYAMWINSHI KANDI BASHYIGIKIYE INGABO.

Iyi nkubi y'umuyaga w'amashyaka yakwiriye muri Afurika yazanywe ahanini n'u Burayi n'Amerika ya ruguru. Abakuru b'ibihugu byacu babanje kuyamaganira kure nafo abaturage bo ntibumvaga neza ibyaribyo. N'ubu kandi abasobanukiwe iby'amashyaka baracyari mbarwa, akensi ni ugukurikira butama.

Mu Rwanda ariko si bwo bwa mbere haduka amashyaka, no mu minsi yabanjirije ubwigenge twari dufite atari make. Muri yo hakabamo PARMEHUTU yaje kwiganzura ayandi yose kubera cyane cyane ko yari pariti ya rubanda nyamwinshi. Yaje kwitwa MDR PARMEHUTU nayo ariko izi guhi-

rikwa n'ubutegetsi bwakomotse kuri kudeta yo ku wa 5 Nyakanga 1973, ari nabwo nyuma y'imyaka ibiri hashyizweho ishyaka rimwe rukumbi MRND.

Bamwe mu Banyarwanda rero bumvise akanunu k'amashyaka menshi bahita bibuka iryabakuye kungoma ya gihake-ntutsi na gikolozine nzungu-ntutsi nibwo bitabiriye MDR. Abandi nabo bati turasakiwe twari twarabuze aho duhera tura-dura ingoma iriho badatinya kwi-ta cyami-mpatu maze bayoboka MDR.

MRND nayo isanga kayihagaranye, nibwo itumye ku mbari bayo ibumvisha ko bagomba

gushikama bakamamaza byimazeyo ishyaka ryabo. Ntibiyiruhije na busa kuko yari igifite uburyo n'ingufu. Abaturage bamwe nabo bati ntacyo dupfa na MRND idushakira amahoro, ubumwe n'amajyambere. Gucunga imbehe n'ubwoba nabyo byunganiye MRND ivuguruye.

Hagati aho umututsi nawe ajya mu bigo by'ubushakashatsi buhanitse avumbura icyitwa PL. Nawe byaramworoheye kuko inkotanyi n'abandi banzi ba Revolusiyo y'1959 babimufashijemo bihagiye bamuha amafaranga iryaguye banamushyigikira imbere mu gihu no hanze, Uduhutu natwo duke duke tuyirohamo kubera umururu-

mba no kudashyira mu gaciros nk'uko byagendekeye ba Kanyarengwe na Pasteur.

Hanyuma ariko abantu baje kwibaza byinshi cyane cyane ku mashyaka MDR na MRND y'ibihangange. Naho PL yo ntawe yatangaje kuko amahame n'imikorere byayyo bihuje neza n'imigambi y'ubwoko bwayihanze kandi buyiganjemo; ni ukuvuga gusebya ingoma zose zitiriwe abahutu no gutata ubutegetsi.

Muri MDR rero abaparmehetu nyaboo baharanira inyungu n'umutekano bya rubanda nyamwinshi baje gusa n'abaganzwa n'abandi barwanashyaka utamenya neza icyo bagamije ahubwo usanga bashyigikiye ubufatanye bwuzuye n'ikiyoka cy'imitwe ighumbi aricyo PL kidasakira namba u Rwanda rukirimo abahutu amahoro n'imibereho myiza y'abarutuwe.

MRND nayo nubwo ivuga ko yivuguruye ntawe uyishira amakena. Ni amaco ya politiki kuko imaze kubona ko ijegajega. Nawe se imyaka irenga 16 yamaze ku butegetsi isumbakaza abatutsi muri byose, ibeshyeshya abaturage "Ubumwe" bwananiranye ubu niho yibutse koko ko rubanda nyamwinshi rugomba noneho kwibukwa? Simpamya ko iyi ntambara iba yarafashe intera igezeho ubu iyo Repubulika ya kabiri imenza bikiri mu maguru mashya gutandukanya Malayika na Satani, umwana w'intama n'uwigese maze igafata ibyemezo bikwiye.

Simvuze ariko ko abarwanashyaka : b'ayo mapariti : yombi bose bataye umuhanda twaharuriwe n'inkwakuzi zimena zo mu gihe cya Revolusiyo y'1959. MDR iracyarangwamo abaparmehetu babytabiriye; uretse nyine ko bakibangamirwa n'abasa n'abagambanyi n'abandi bantu bashishikajwe gusa no guhora bakiyihishemo. Ntikenye na busa agakungu karimo PL ishyaka riwanya revolusiyo ya 59 gasenya MDR aho kuyishimangira. MDR yagombye guhamya

kurushaho intego za PARMEHUTU nk'uko nayo ibyitangariza mu mahame-remezo yayo aho gukomeza kwisunga abanzi b'ivo PARMEHUTU.

Ku ruhande rwa MRND naho hayungururwamo abaparmehetu nyaboo nubwo akensi baniganwa ijambu cyangwa ntibahabwe imanya ikomeye kuko bakomeza gutambamirwa na za nyamujya irya n'inio zishishikajwe n'inyungu zazo bwite gusa maze zikirengagiza iza rubanda nyamwinshi. Icyakora MRND yo isa n'iyanenye amayeri kare ntivanga ku mugaragaro n'inkotanyi; nyamara ariko abanzi ba gahutu bayihishemo bayishuka ngo barayishyigikiye yo na Perezida fondateri wayo ntibabarika. Kandi ntihakagire uwibeshya, umwanzi utwugarije yihatira gicengera mu mizi, mu gihimba no mu bushorishori bw'ubutegetsi buriho kurusha mu baburwanya batemuhangayikishije cyane.

Abo barwanashyaka rero baharanira inyungu za rubanda nyamwinshi bari bakwiye kwisuganya aho bari hose, bakipakurura abakoreshwa n'inda nini gusa cyangwa inzangano zidafashe maze bakifata nko mu bihe cya Revolusiyo kugira ngo u Rwanda rurusheho gutengamara. Uko abo baparmehetu bakwita kose-kuko izina atari yo ngiro ntibyahabuza gushyira hamwe ngo barwanye bilianukiriye umwanzi w'abahutu bose iyo bava bakagera ariwe FPR n'ibyotso bye.

Kurwanya uwo mwanzo ni igikorwa kitoroshye kuko yamaze kuzenguruka abategetsi bose akabagira kampe nkabyinane. Yitatiye amahanga u Rwanda rusigara runaganny. Yacurishije bya kirimbuzi abihunikira kuzarimbura imbagaya tabahutu none arihisha mu masha ka kugira ngo azatugwe gitumo atwahuranye "tutiteguye" nk'uko yatumenyereje. Ni nayo mpamu buri munyarwanda wese w'umutima agomba gushyigikira atazuyaza ingabo z'ighugu, akirinda icyatiza umwanzi umurindi nko gushumikana nawe ahubwo umutekano no

kurengera rubanda nyamwinshi akaba aribyo bifata iya mbere mu migambi y'abanyapolitiki. Sinamera nka wa wundi utumvaga neza ibyo avuga ubwo yihanukiraga ngo abanyamashyaka ntibagomba kwivanga mu bya gisirikare. Umunyapolitiki utivanga mubireba ighugu cyose ntacyo aba amaze. Ahubwo dukurikije amategeko ariho ubu umusikikare niwe utagomba kujya mu bya politiki n'amashyaka: ababifitiye uburenganzira babwirijwe rero kuhamubera kandi neza.

Maze rero nubwo Perezida wa Repubulika aherutse kuvuga ko ingabo zazu zongerewe umubare ndetse ubwo n'ibikoresho jye mbona nabwo bidahagije. Muzi ko ejo hashize na none duhanganye n'ighugu cya Uganda ya Museveni witwikirije inkotanyi, uyu munsi n'ejo hazaza ni u Burundi (uretse ko bwo bugitindijwe no gukoropa iwabwo), ejo bundi no hirya yaho tuzaba wenda dushyamiranye na Zayire cyangwa Tanzaniya kubera ko aho hose inkotanyi n'abatutsi bahashinze ibirindiro simusiga kugeza nubwo bageze mu mbere no mu rwuririro by'abategetsi bose b'ibyo bighugu, baba abari ku isonga uyu munsi cyangwa abazimikwa bukeye.

Ushyize rero hamwe umubare w'abasirikate n'ibitwaro bya rutura ibyo bighugu n'inkotanyi bitunze sinzi niba hari uwakongera kwiririra ko ingabo zazu zihagaze neza mu gihe ari nta kandi karusho mu ntwaro kiyongereye. Muri ibi bihe turimo kandi tuzahoramo inyenzi inkotanyi n'abazishyigikiye batarava ku izima abashinzwe kugena ingengo y'imari ya Leta bagombye guhabwa ububasha budasanzwe bwo kugenera minisiteri y'ingabo umugabane urushijeho gutubuka. Hashyirwaho ndetse n'umusoro w'ingabo hakurikijwe amikoro ya buri wese turugero : gutanga buri kwezi kimwe cya magana abiri cy'umushahara cyangwa cy'urwunguko) ndetse bikaba itegeko. Abashinzwe ububanyi n'amahanga n'ubutwere rane nabo bagakora iyo bwabaga imfashanyo muri urwo rwego zikiyongera kurusha ubu.

Ariko nyine uwo mutungo wose ugacungwa ku buryo bushimishije igihugu kuko no mu gisirikare kuyereza bitaramburwa intebé. Ni ngombwa ko hashyirwaho komisiyo y'abantu bizewe na rubanda igenzura hafi, kandi mu ibanga rikomeye, imikoreshereze y'ibya gisirikare.

Ibikorwa by'amajyambere twiratana n'ibakwe byaranze iyamama ry'amashyaka ni byiza ariko ntacyo bimaze mu gihe cyose rubanda nyamwinshi rugizwe ahanini n'abahutu rugicukurirwa umuyoboro wo kurutikizamo. Ibyo ibikorwa se abanyapolitiki bakangisha byasigara ari ibyande ? Urugero ntirurikure : iyo inyenzi-nkotanyi-ntutsi zitsinda... (ntacyo nongeyeho ntiteranya!). Amahoro ni ngombwa

rwose kandi agomba gushyigikirwa, gusabana bya kivandimwe kw'abatuye igihugu nta vangura rishingiye ku mpamvu izarizo zose naho zaba iz'amoko no kubana neza n'ibindi bihugu uhoreye kubidukikije n'ibyo soko n'ifatizo by'ayo mahoro. Ibyo ariko bisaba ko impande zombi zibyitabira. Repubulika ya mbere n'iya kabiri ntako rwose zitagize ngo umututsi amererwe nk'uko ashaka muri uru Rwanda ariko we ntiyabikozwa ahubwo ahitamo gukomeza kurgambanira imbere mu gihugu, mu mahanga atwegereye ndetse no hakurya y'inyanja. U Rwanda rukomeje kwishimira agapande k'ubusa busa k'ubutaka abazungu barugeneye, rwirinda igikorwa cyose cyarutrukaho kigamije kurutera-

nya n'abaturanyi. Arikò abatutsi bo mu gushaka gufata ubutegetsi ku ngufu z'amamasu avante n'ikinyoma nsa nsa nsa kugira ngo babone uko bamarira abahutu ku icumu bifashishije amahanga bayaduteranyaho biratinda.

Ibyo byose ni isomo rihambaye k'uwaba akijijinganya. Nah'ubundi ingabo zacu tugikesha ubuzima bw'abanyarwanda zigomba gushyikirizwa ibyangombwa zikenera byose mu kazi kazo bityo zikarushaho kuba umutamenwa kandi nazozikaba buri gihe maso kugira ngo igihugu n'abagituye bitavaho bifatwa mpiri kubera kutitegura bihagije.

Ndekezi Bonaparte  
Gisuma.

## FONDATERI WA PSD, NZAMURAMBAHO FEREDERIKO YADUKUYE MU ISHYAKA RYE.

ryo shiyaka akirishinga abakurikirorwaga hafi ibitekererezo bye, haviqaga ko ngo ari ishyaka ryo kurwanya abo ryita abakiga. Rikarengera abatutsi n'abatutsikazi bashatswe n'abahutu.

Ibyo vavudiye kuri Radio-Rwanda, tariki ya 13 byeduhishuriye imigambi ye nishyaka rye. Azatubabarire yandike amazina n'u muhare w'abahutu b'impunzi azi. Azatubwire abahutu bandika mu kinyamakuru Impuruza cy'abatutsi banze u Rwanda berekaniramo imigambi yabo yo kuzafata igihugu izuba riva, bagatsema abahutu, uko bene wabo babikora i Burundi. Azerekane amazina y'abahutu mu mataragiti (tracts) zo mu 1979-1980 zaje zije guteranya abahutu no kubicanya. (Kangura spécial y'abatutsi irabyivugira). Azatubwire umubare w'abahutu bari mu ngabo za Museveni, bamurwaniriye bamufasha gukindura abaganda nk'uko Rwigema, Bunyenyeki n'abandi bana b'abatutsi babigenje. Narangiza yandike amazina y'ibyitso azi by'abahutu byatunzwe agatoki na rubanda kuko baba barababonanye ikimenyetso icyaricyo cyose. Yongere

yandike abatutsi atarengera nk'uko abikora bayamirabiriye igihugu cyancu, ndetse n'ibhu hakaha hakiga mbanira. None se abatutsi b'i Bugesera n'abatutsi b'abagogwe bacohereza abana babo mu Buganda kujya qufasha inyenzi-nkotanyi abo babveyi s'ibyitso? Mbe Nzamuramba ho wakwitonze ko na Kayuku cyangwa Secyugu abatutsi muri 59 ariho hishe mbere kandi bari abakwe babo

ikindi Fondateri wa PSD, yarahiriye ko ishyaka rye rigomba guca u Rwanda mo kabiri, rirwanya ikitwa umukiga cyose, rihoma abahutu baho yita Nduga ku batutsi. Maze ishyaka rye nikazabona amajwi. Akibagirwa ko abahutu bose ari bamwe, ko ibyo bakorewe kuva umututsi yagera ku butegetsi i Rwanda babizi bose, ko kandi akabaye icwende katoga. Ko bo bazahora bafatanyije kurengega igihugu cyabo.

Mu rwango Nzamuramba ho, fondateri wa PSD yanga abakiga, arabakina ku mubyimba ngo nibo hafatanyije n'inyenzi - inkotanyi kwica abakiga ba za Ruhengeri na Byumba.

tanwitonze ko amayeri y adatutsi yanayore tuyazi. Ubwo azave aho vitwaza Kanyarenawe tuzi ko ari ingwate, igikingirizo, yirirwa avumwa, ashinyaguriwa. Ngo ba Rizinde na Biseruka, bajyanyweho iminyago turabizi. Uwo bita Pasiteri Bizimungu, ni umukwe iqikoresho nka ba birenzwamaso. Erega niba utabyemera cyangwa utabizi u Rwanda ni uw'abahutu, nibo harukonzeho ishyamba, bararurema ruragaragara, rwimukirwamo rurakundwa. Abatazashaka kuruhanamo n'abahutu ngo keretsc bategetse bicaye no ku mirambo yabo, ntibazabishobora rwose fondateri niyo wazagira amayeri yahe.

Uretse wowe nyakubahwa fondateri, waguye mu bajiji utari we, abo bajiji! ntibemera isano n'abahutu. Uzabaze ibyo abasekuriza babo, abagaragu bakuru b'i bwami bivugiyе babikuye ku mutima. Kandi uye wibuka uyu mugani wa basobukwe: "Umututsi amenya inziyo, ntamenya inzara" Ubwo wenda uzareka kuba intati ya bene gahutu, wihunza.

Lwari umuyoboke wa PSD  
A. Ntibashirubwiko  
Nshili-Gikongoro,

# IBIRO BIKURU BISHINZWE IPEREREZA BYUZUYEMO IBYIT-SO BYINSHI.

Ubushize nabagejejeho inyandiko zerekanye n'imikorere ya HAKIZIMANA Donat uyobora biriya biro bikuru bishinzwe iperereza mu gihugu kuburyo rwose ubu bose bibaza uwo ukorera.

Nyuma y'izo nyandiko naje kubona amakuru menshi cyane ambwira ko muri biriya biro hihishemo n'ibindi byitso bigamije inyungu zabyo bwite aho gukorera igihugu. Ibyo byitso nibyo rero ubu bigiye gusenya biriya biro biteranya abakozi hagati yabo ku buryo bitanatinya no guharabika bagenzi babo hanze ndetse no mu binyamakuru ndetse no gusohora amabanga y'igihugu biyaha ibinya makuru bikorana n'inkotanyi.

Muribuka inyandiko zisebya abakozi bamwe bakoraga muri ibyo biro zigeze gusohoka mu kinyamakuru IJAMBO No 16 na No 17, n'ibarua uwalli umunyamabanga mukuru w'ibyo biro yandikiye Perezida w'urukiko ruburanisha abahungabanya umutekano w'igihugu nyuma ikaza gusohoka muri NYABARONGO.

Izo nyandiko zose zagiye zijyanwa mu binyamakuru n'agatsiko K'abakozi gakorana na HAKIZIMANA Donati ku buryo ariko ngo kanamutegekera.

Muri ako gatsiko twashoboye kumenyamo abitwa NDABONYE Gaspard, DUSABUMUREMYI Anonie, na RUBANGURA Léonidas.

Abo basore uko ari batatu ngo baba bariyemeje rwose guhirika biriya biro bishinzwe iperereza. Nku bu amakuru menshi dufite atubwira ko aribo bagiye bandika ziriya nyandiko zisebya bagenzi babo maze bakazisohoza mu IJAMBO.

Naho iriya baruwa yasohotse muri NYABARONGO, amakuru dufite atubwira ko ngo yaba yarasohowe na RUBANGURA Léonidas ngo agamije kwereka rubanda ko NDUWAYEZU Augustin ariho amena amabanga y'igihugu ngo agamije kwerekana ko inkotanyi zaduteye yarabivuze. RUBANGURA reto yarafashiwe rwose kuko n'ibigambro agenda akwiza hose avuga ko NDUWAYEZU yamwangaga cyane ku buryo agomba kumanikwa byere kana ko atabura gukora ariya marorerwa ngo ayamwitirire.

Ikindi twamenye nuko abo basore uko ari batatu ari amabandi kabuhariwe kuko ngo batu nzwe no kwirira za ruswa no gakorana n'abafoderi mugucuruza

ibiyobyabwenge (drogue). Abo basore rero bafata ibiyobya bwenge (cocaïne na héroïne na chanvre) baba bafatanye abantu maze bakuzuza inyandikomvugo zerekana ko bagiye kubitwika (procès-verbal de destruction) nuko bamara kubisohora muri SCR bakabishyira abafoderi bakabijyana muri Kenya na'abandi nuko bakagabana. Muri abo baforoderi harimo uwitwa RUSHA GAITAN wigeze gufungwa na NDABABONYE Gaspard agakatirwa imyaka 5 y'igifungo kubera guceruza ibiyobya-bwenge. Amaze gufungurwa yamusubije passeport ye na za cocaïne yari lamufatanye nuko batangira uhwo muri ubwo bucurozi budahwitse.

Uwitwa DUSABUMUREMYI Anoni we akorana nundi mu forodderi witwa UWIMANA Aimable Alias Buhaï amuhaye ruswa ya 100.000 Frw na appareil video.

Abo basore uko ari batatu barakize ku burvo ubu bamaze kuzza amazu atagira uko asa bakaba batangiye kugura amamodoka. Hari umaze kugura imedoka ebyiri, imwe ikaba an SUZUKI y'ubururu indi ikaba an Audi y'umweru.

Uzabona ko ibiinuvugwaho ataribyo asabwe kutwandlikira akatubwira aho ukuri guherereye.

Ubwanditsi

## EX-MANEKO NDUWAYEZU AUGUSTIN ATI:

Mu kinyamakuru NYABARONGO No 4 yo kuwa 25 Ukwakira 1991 batangaje interuro (titres) ebyiri, imwe mu gifaransa ivuga ngo «LE SERVICE DE RENSEIGNEMENT ACCUSE», indi mu kinyarwanda ivuga ngo «EX-MANEKO MUKURU ARASHINJA ABAHINZA BACU». Wareba izo interuro ugasanga zidasobanura kimwe (traduction) n'ubwo ibivugwa ari bimwe.

Izo nyandiko zombi inwe ni igisobanuro cy'iyindi. Muri make rero, uwatisomye yabonye ko ari urwandiko cyangwa se icyo baku nze kwita «note» mu gifaransa, NDUWAYEZU Augustin watege-

kaga Ibiro by'iperereza mbere y'iyi ntambara yandikiye Perezida w'Urukiko ruburanisha abashatse guhungabanya umutekano w'igihugu. Ubwo. Ubwo hari uruhanza rw'abagabo babiri aribo BAHINTASI Claude na muganga SEBIZIGA Alloys, baregwaga ko bohererezaga rwihihwa amafaranga KANYARENGWE Alexis, ayo maferanga akaba yaragenewe gufasha inkotanyi mu myiteguro zarimo yo gutera u Rwanda. Icyo kinyamakuru NYABARONGO cyaje gukomeza kubayindikaho kuko cyacumbukuye iyo nyandiko mu nomero yacyo yakurikiye.

## «MWIMBESHYERA».

Iyo usomye neza izo numero za Nyabarongo, usanga uwo wahoze ari maneko mukuru yarasohanurira Juji Perezida w'urwo rukiko uko yagenzuye ibyabo bantu, uko bimeze n'imigambi ya KANYARENGWE.

Tumaze gusoma izo numero, twasanze harimo ibintu tutumva neza, kuko tutasobanukiwe n'icyo NDUWAYEZU A. yashatse kugara-gaza muri iki gihe. Twibajije niba ari ugushaka kwigira umwere mu byo bari bamaze iminsi bamuvuze ho mu binyamakuru.

Muri uko gushaka kumenye ukuri kw'lio nyandiko, twahisemo

kumusanga aho akora ubungubu muri OVIBAR. Uwo mugabo ya-twakiriye neza. Tumugejejeho impamvu zituzanye, dusanga nave yarasomye ibyo binyamakuru byombi. Tutabatindiye rero, dore ibibazo twamubajije n'ibisubizo yaduhaye.

**IKIBAZO :** *Kugira ngo mutangaze iriya nyandiko mwashakaga kugera kuki, ko tubona Isa n'ibanga ry'u-murimo wanyu mwandikiye Juji Perezida mumuyobora muri urwo rubanza ? Cyangwa se iriya nyandiko si iyanyu ?*

**IGISUBIZO :** Iriya nyandiko sinyihakana. Nayikoze kubera umurimo narinshinzwe, kandi ibyo nanditse niko biri koko; ni ko byagaragaye. Ndetse ubu nishimira ko nateshye, kuko byigaragaje bidatinze. Naho kuvuga ko nnyewe wayitangarije abanyamakuru ni ikinyoma gikabije kubera impamvu eshatuzikurikira : lyambere ni uko nubwo ntagikora muri uriya murimo bwo-se, ndashobora kumena amabanga narinshinzwe kumenya kabone naho naba ngiye gupfa. Iya kabiri nave wayivuze mu kibazo cyawe ni uko ntacyo bimaze, kuko ntacyo nicuza kuba narakoze uwo murimo. Umukuru w'igihugu yanshinze, ndetse nkaba nticuza ko nawuvu-yeho; kubera ko nakoze imirimo myinshi : narigishije, nayoboye amashuri, nabaye ambasaderi;... iyo mirimo si ubukonde ngo mvuge ko nambuve ibyanje. Impamvu ya gatatu ni uko ntari mu barwanya Perezida HABYARIMANA Yuvenali nkabashakisha impamvu zose zamukuraho. Ikindi kandi navuga ni uko abo banyamakuru ba NYABARONGO tutaziranye na buhoro; baramatse babaye abagabo bavugisha ukuri, bari bakwiye kuvuga ko tutaziranye, ko nta n'mwe nigeze mpa iriya nyandiko kandi ko nta muntu nigeze mbatumaho. ~

**IKIBAZO :** *None se uravuga ko iriya nyandiko yaturutse he ?*

**IGISUBIZO :** Mwebwe abanyamakuru mumaze iminsi muhiga inyandiko zose z'amahanga. Hari nyinshi mwatwaye ziva muri za Ministeri no muri Perezidansi, Iriya nyandiko rero siyo ikomeye kuru-sha izindi zose mwagiye mutwara

cyangwa muhabwa n'abagamije krandura Perezida HABYARIMANA. Iriya nyandiko nayoherereje Juji, kopi yayo nyohereza muri Perezidansi indi isigara mu kazi. Ubwo navuga ko yaturutse hamwe muri aho nkurikije ko atariryo banga rya mbere risohotse bene ryo bataritangaje.

**IKIBAZO :** *Ku bwawe rero iringa banga ntiryagombaga kumenwa ?*

**IGISUBIZO :** Ndababaye cyane kubera ko bene kurimena baryitwaje ngo bivugire ibyo bashaka. Ikinabyerekana ni uko bishyiriye-ho titres (interuro) zisa nizerekana ko arinje warimennye, maze ngo nkaba ndega Abategetszi. Uretse ko ntanabona ikirego bashaka guhimba icyaricyo.

**IKIBAZO :** *Turoye iyo nyandiko, dusanga yerekana ko u Rwanda rwatewe abategetszi basanzwe babizi hanyuma ntibagire icyo bakora nk'uko bamwe hanze aha bakunze kubivuga.*

**IGISUBIZO :** Kumenya ko u Rwanda ruzaterwa si cyo cyajyaga kuru-buza gaterwa. Intambara zabaye kuri iyi si zose zabaye bene gaterwa babizi. Ndetse niriya na Irak na Kuwait yabaye Kuwait izi ko izaterwa. Niba KAGUTA MUSEVENI yari yaragambiriye gutera u Rwanda yitwaje Inkotanyi cyangwa bafitanye amasezerano, kubimenza kwacu no kutabimenza ntibajyaga kubibuza. Icyo u Rwanda rwajyaga gukora, ari nacyo rukora ubungubu ni ukwirwanaho uko rushoboye rukabambira umwanzi ntiyinjire. Dushimire cyane Imana n'ingabo zacu kubera ko zarurwanyeho ntirugwe mu maboko y'ubo mwanzo. Ikindi u Rwanda rwakoze ni ukwiga ikibazo cy'imitahukire y'impunzi. Ngira ngo muzi ko ibyo byari byarata-njiye kuva hambere ubwo hashyizweho Komisiyo yo kwiga icyo kibazo. Iyo nayo yari inzira igana amahoro. Kubona u Rwanda rwatewe ikibazo, cyo gufasha impunzi gutahuka kigiye gutungana, birerekana ko abateye u Rwanda batari bashishikajwe n'itahuka ry'izo mpunzi, ko ahubwo icyo bishakiraga mbere na mbere ari ubutegetsi.

**IKIBAZO :** *Niba bitari ibanga, ubu uru murihe shyaka ?*

**IGISUBIZO :** Kuba mw'ishyaka si ibanga. Niba ushaka gushira amatsiko, ndi muri M.R.N.D. Ikimenyimiyeni ni uko ikarita y'umurwana-shyaka nayifatiye hariya ntuye muri segiteri Kacyiru ikaba ifite No B 1.666.

**IKIBAZO :** *Ko mu minsi ishize ikinyamakuru le TRIBUN cyanditse ko Donati HAKIZIMANA ajyu kuba perefe yakuwe mu Biro by'Iperereza n'uko mutumvikanaga, ibyo byo urabivuga ho iki ?*

**IGISUBIZO :** Icyo ni ikinyoma kubera ko Donati HAKIZIMANA ari imwe mu nshuti zanje za mbere kandi ko iyo bijya kuba uko icyo kinyamakuru cyabyanditse atari kuva muriyo servisi ajya kuba perefe.

**IKIBAZO :** *Hari ikindi wadutangariza kuri iriya nyandiko ?*

**IGISUBIZO :** — Mbabajwe cyane n'abanyamakuru batavugisha ukuri ngo bavuge aho bakuye iriya nyandiko, nbanayitangaza babanze baba-ze nyirayo icyo ayivugaho; aho kuyambika ishusho rindi no kuyivugisha ibyo bishakiye. Ndabona ubwanditsi bwo mu Rwanda bumaze kuba isoko yo gusiba imbaga. Ubugome buri mu binyamakuru bwari bukwiye kwamaganwa cyane kugira ngo abanditsi bisubireho.

— Ikindi ni uko nandika iriya «note» nakurikije umutima nama wanjiye n'akazi narinshinzwe. Ubu-camanza nabwo bwakurikije umutima-nama wabwo, buca urubanza uko rubwunva.

— Ku banyamakuru bahimbajwe no gupapira ibirego aho bitari, igihe kirageze cyo kumenya gutandukanya ubugome n'umwuga. Iyo uroye neza, usanga ikintu kitwa ubugome kibabuza kureba ukuri. Cyangwa se bwaba ari ubujiji buhanitse bubaranja. Nawe se koko, waba warasomye amapaji ya 43 na 44 ya LIVRE BLANC Leta y'u Rwanda yanditse kwitariki ya 15 Mutarama 1991 kuri iki gitero, maze ugatinyuka kwemeza rubanda ngo ntacyo abategetszi bakoze kugira ngo u Rwanda rudaterwa ? Abafarna-nibo bavuga bati «Niba udasoma ceceka — Si vous ne lisez pas tesez-vous».

LA REDACTION.

# INTWARO Y'ABATUTSI IGEJEJE U BURUNDI KU MANGA.

**KA02 1566**

Barundi, Barundikazi, Rwaruka, umugambwe PALIPEHUTU ntwigewe uhengeshanya mu kwerekana ingene Abatutsi barondeye guhonya Abahutu bishimikije ka kandumbidumbi UPRONA. Abatutsi batwaye Uburundi bose barishe Abahutu. Kera Umuhutu yicwa yiswe umumenja, BUYOYA yahinduye ngo n'umunyamacakubiri, ikosa ntiriseruke canke ngo bareke uwo bita umunyamacakubiri aserure iciyumviro ciwe haba kuri radiyo, televiziyo n'ibinyamakuru maze ngo abanyagihugu bumve ico abo Barundi boba biyumvira. Ico twomenya ni uko BUYOYA atigeze ashaka kandi atazokwigera ashaka ineza y'Abahutu. Ati: "Ubumwe bw'Abarundi tuzoburwanira kandi tuzobutsindira". None ntumubona yuko ubwo bumwe avuga ari ubw'Abatutsi benewabo hamwe n'Abahutu b'ibipfamutima arivyo bikoresho vyiwe binyotewe amaronko aho kunyoterwa amahoro y'abanyagihugu? Abahutu bashize bicwa, bafungwa abandi batabwa mu KANYARU baboheye ku biti, imivyimba igatorerwa mu gihugu c'u Rwanda. None BUYOYA yiye meje gusambura ya masezerano y'ubumwe yishiriye na UPRONA yiwe, avuga ko ata kwicwa uzira ubwoko kandi ata kuzira iciyumviro cawe n'aho coba kidahuye n'ica Prezida na UPRONA. Mbega Abahutu bari mu ntwaro y'ubumwe bari hehe? Bakora iki, bavuga iki? SIBOMANA wewe ngira arumva muri Zaïre ingene mugenzi wiwe TSHISEKEDI yanse gutamikwa ijambu. I Burundi ngo ntawovugana indya mu kanwa, MAYUGI, TOYI, KARIKURUBU, MIDENDE,... Seruka muvuganire abanyagihugu, Abatutsi bararondera ingene bahonya Abahutu n'Abatwa. No twongere inguvu turwane urugamba gushika ku musi w'intsinzi. Dutabarane twebwe Abahutu Abatutsi bateye benewacu. Twese turazi ko iyo Umuhutu afashwe Abatutsi bamujana mu gasho, akabohwa amaboko i mugongo, amaguru, agaku-

bitwa ivyuma, agakubitwa amahiri, bakamufatisha umuyaga-nkuba maze akemera n'ivyo atazi. None batanguye no kubagaburira amacupe aseye mu bugari bakabagaburira umunyu mwinshi cane, aho kubaha amazi Abatutsi baha Abahutu amasobe yabo. Iyo Abatutsi bamaze kwica Abahutu babashira mu mifuko hamwe n'amabuye aremereye cane maze bakayita muri Tanganyika bakibira. Iyindi miviyimba y'Abahutu bayijugunya mu ngunguru bakayitwara nk'umwavu: Tutibagiwe ko bimvye ibinogo vyo gutamwo Abahutu nka mirongo itanu hamwe.

Nshirwarimenetse za PALIPEHUTU, raba ivyo bibi Abatutsi badukorera, twijukire umugambi wo gutabarana no kurarirana. Turwanye barya Bahutu ba nsumirinda, twirinde impanuro z'Abatutsi zica kuri radiyo, televiziyo n'ibinyamakuru; ivyo bikoresho bifasha Abatutsi kutuyoborera mu manga kurya umuhigi akoresha imbwa ziwe mu kuyoborera igikoko mu macumu. BARARUNYERETSE na KAGIMBI ngo: "Ni Abarundi batazi: ikirundi neza". Bashaka kwica Abahutu nko mu 1972.

Tugomba kuba maso kuko Abatutsi n'Abahutu b'ibipfamutima ntibasinziriye, bashaka guhonya Abahutu n'Abatwa. Biratangaje kubona Abahutu bataratahura ubwiyorobetsi bw'Abatutsi baduhende ye ku masezerano y'ubumwe none bagiye kongera kuduhendera mw'i-tegeko nshingiro, duhaguruke rero mu kurwanya Abatutsi na UPRONA nibo bazana amacakubiri mu Burundi. Twame twibuka ko "Ntaciza Abatutsi bashobora gukorera Abahutu n'Abatwa".

Kugeza kw'itariki ya 30 Nya-kanga 1991, ubutegetsi bw'Abatutsi BUYOYA n'abasoda b'Abatutsi bari bamaze gufata Abahutu bo mu ntara zose ku buryo bukurikira:

1. INTARA YA CIBITOKE. Kw'igenekerezo rya 31 Mukakaro bafashe;
1. HATUNGIMANA Johnson
2. BARARUNYERETSE Nathan
3. SINGIRIZINA Serge
4. HAKIZUMUTWARE Donatien
5. MANIRIHO
6. – Thomas
7. SINZUMUSI Emmanuel
8. NTAMPAKA Ananias (umurimyi w'Umunyarwanda basanze mw'i-barabara).
9. KUBWIMANA Augustin: umu-yobozi w'ishure yafashwe kw'igenekerezo rya 22/08/1991. Ntituzi aho afungiwe,
10. NDAYISABA Périge w'i Muri yafashwe kw'igenekerezo rya 17/08/1991. Ntituzi aho ari,
11. KAGOTO yitwa Barukuye w'i BUGANDA yafashwe kw'igenekerezo rya 25/08/1991. Ntituzi abasoda b'Abatutsi iyo bamujanye.
12. NZEYIMANA Epimène yafatiwe i GHANGA kw'igenekerezo rya 21/09/1991.

## 2. INTARA YA BUBANZA.

1. RUVYIRO Emili yafunzwe kuwa 18/03/1991.
2. NDAGWARUKANYE
3. Pepino (Pépin)
4. Grasiyano
5. NZOKIRA

Abo bose ni abadandaza batobato bafashwe kw'igenekerezo rya 19/09/1991.

## 3. INTARA YA KAYANZA.

1. NDIKURIYO Samuel
2. Heimenégiide de MURAMVYA
3. NDIKUMANA Aloys de NYABITANGA

Abo bose bafashwe kw'igenekerezo rya 22/08/1991 kandi boba bafungiwe kuri brigade mu KAYANZA.

4. MINANI Yohani Berkimansi w'i

RUGAZI, umwigisha yafashwe kw'igenekerezo rya 4/9/1991 kandi yoba afungiwe mu KAYA-NZA.

#### 4. INTARA YA BUJUMBURA.

1. NZEYIMANA Ernest: Umunya-mabanga w'ighugu ashinzwe amakuru no kwigisha umugambwe PALIPEHUTU yafatiwe i KINAMA kw'igenekerezo rya 22/09/1991. Ntituzi aho afungiwe.
2. HAMENYIMANA Elias na bagenzi biwe bane bafatiwe i KINAMA kw'igenekerezo rya 14/9/91 babanje kubafungira kuri zone KINAMA.
3. MANDENDE Jean-Pierre: umukozi wa mairie yahungiye mu Rwanda.

#### 5. INTARA YA GITEGA.

1. NTIRABAMPA Antoine: Icegera ca mbere c'Umukuru w'umugambwe PALIPEHUTU. Yafatiwe i GITEGA k'wigenekerezo rya 27/09/1991. Abatutsi bamuhaye umunyu mwinshi cane n'ubu agiye gupfa ni iyo ashatse amazi, Abatutsi bamuha amasobe yabo. Murabe namwe ububi bw'abo Batutsi tubana mu gihugu.
2. MPFAYOKURERA yafashwe muri Ruheshi 1991.
3. MINANI Basile
4. KADEFESI Deleo Baudouin
5. NYABENDA Désiré

Abo bose bafatiwe i GITEGA ku Mushasha kw'igenekerezo rya 09/08/1991. Ubu ntituzi aho Abatutsi babajanye.

6. NKUNZIMANA Emmanuel yafatiwe i GITEGA kw'igenekerezo rya 14/09/1991. Ubu ntituzi iyo Abatutsi bamujanye.
7. NYANDWI Edouard
8. SIBOMANA Abdalah
9. NYAMA Petero
10. KAGOMA Elirina

Abo bose bafatiwe i GITEGA kw'igenekerezo rya 15/9/91. Ubu ntituzi iyo Abatutsi babajanye.

11. HATEGEKIMANA David
12. BARWIHIGIRE Tomasi
13. BANDEREMBAKO Alufonsi

Bafatiwe i GITEGA kw'igenekerezo rya 22/09/1991. Ubu ntituzi iyo Abatutsi babafungiye nibaba batarapfa.

#### 7. INTARA YA RUYIGI.

1. HASABIRE Yeremiya; umudandaza yafashwe kw'igenekerezo rya 1/8/1991; yoba yararekuwe.

#### 8. INTARA YA MAKAMBA

1. HAZIYO Honoré; umuganga w'i GATORE yafashwe n'Abatutsi kw'igenekerezo rya 31/08/91; ashobora kuba afungiwe mu MPIMBA.

#### 9. INTARA YA BURURI.

1. BUTOYI Seth: umudandaza mutoyi wo mu RUMONGE, yafatiwe i BUJUMBURA kw'igenekerezo rya 23/08/1991 yariko arondera impapuro zotuma akora muri S.R.D. RUMONGE.

#### 10. INTARA YA RUTANA.

1. NTIBASIGA Andreya
2. SINDAYIGAYA Emmanuel
3. Corneille
4. FATIRO

Bafatiwe i MUSONGATI kw'igenekerezo rya 8/09/1991. Abatutsi babatwaye mu RUTANA. Ubu bamerewe nabi cane.

#### 5. BAGABURI KAMANA w'i KAYOVE yafashwe mu kwezi kwa Nyakanga 1991 mu RUTANA.

Barundi, Barundikazi, Rwaruka, Burundi bw'ijo, Abahutu bafashwe n'Abatutsi, BUYOYA n'abasoda b'Abatutsi ni bensi cane, Ayo mazina tubahaye ni make cane. Abatutsi n'abasoda barafata Abahutu mu Burundi bwose. Umugambwe PALIPEHUTU wongeye gusaba Abarundi cane cane Abahutu kugira ngo duhagurukire rimwe turwanye abansi (Abatutsi n'Abahutu ba nsumirinda). Abahutu twame twibuka ko abansi ari: Abatutsi, BUYOYA, abasoda b'Abatutsi na UPRONA. Abahutu, dusubiye gutsindisha UPRONA tuzohona mu Burundi. Tube maso rero.

#### PALIPEHUTU TSINDA.-

Bigiriwe i BUJUMBURA, kw'igenekerezo rya 15 Gitugutu 1991.

### ITANGAZO.

IBIRO NTARAMAKURU BYIGENGA GISENYI-INFORMATION biramenyesha abasomyi ba KANGURA ko nimo nshya yasohotse ikaba ibarizwa ku Gisenyi — Mahoko — Kora — Mukamira — Ruhengeri — Gakenke — Vunga — Kabaya — Ngororero — Nyirangarama — Kigali — Kabuga — Gitarama — Nyanza — Butare — Gikongoro — Cyangugu — Bugarama — Kirambo — Byumba — Kibungo — Nyagatare no ku Kibuye.

Musome, musomeshe KANGURA, ikinyamakuru cyigena.

**BIMENYE NABYO**  
Ukimara gusoma iyi KANGURA hita ubariza aho usanzwe uzigurira KANGURA MAGAZINE — VERSION INTERNATIONALE No 4 kuko harimo amakuru ahuye n'ibih turimo. Niba kandi ariyo ufile mu ntoki zawe, basabe KANGURA No 29 kuko ariyo yasohotse bwa mbere muri uyu mwaka. Tuboneyeho kubamenyesha ko buri gihe hazajya hasohoka KANGURA ebyiri: iyanditse mu Kinyarwanda ku bumva urwo rurimi, n'izajya yandikwa mu Gifaransa no mu zindi ndimi kugira ngo abumva izo ndimi babashe kumenya ibibera mu Rwanda no mu Burundi ndetse na Zayire. Ngaho rero nimusabe KANGURA zanyu. Igiciro ni cya kindi: 100 FRW.

# DONAT HAKIZIMANA ARAKEMANGWA N'ABAHUTU BE- NSHI.

Mu nyandiko zasohotse muri KANGURA No 27 na 27 bis, umwanditsi yatugejejeho ukuntu Ibiriro Bikuru bishinzwe Iperereza bisi-gaye bikora. Twatangajwe no kubona ko Donati HAKIZIMANA witwa ko yaje kuramira imikorere y'ibyo biro yari isigaye ikemangwa yaje azanye amatwara yo guhakirizwa no gukorera abantu ku giti cyabo, atibagiwe no gusa-hurira mu nda ye.

Ngo bajye bamunekera Dogiteri UWIMANA Alphonse, bame-nye aho anyuze hose, bamenye aho aciriye ngo kuko yaba atinyuka kureba nabi umuryango wa Colonel SAGATWA!!! Koko ? Yooo !!! Birababaje ! Byibura se bashaka-shatse abandika nabi Umubyeyi w'Ighugu basigaye birirwa bambitse amaraso ?

Namwe nimwirebere ukuntu abantu batandukira ! Muri ibi bihe by'intambara itumereye nabi, aho Donati yashatse kumenya aho umwanzi yihishe, aho abadutera bakambitse, aho umuti w'iyi nt-

mbara wava ngo nibacunge aba-vuze Sagatwa !!

Donati afite amabanga ye n'intego ze. Iyo umuntu arebye neza asanga yimirije imbere inyungu ze kurusha iz'Ighugu cyacu.

Nawe se umuntu yakumva ate ukuntu abasilikare bacu biri-rwa bakora iyo bwabaga ngo ba-bungabunge umutekano, ngo ba-hashye umwanzi maze HAKIZIMA-NA. Donati akaba azamuye inzu ya ETAGE !!! Bizwi na magorwa, umuzungu witwa Marc, Directeur wa INTERFREIGH. Donati ategeka ngo namugire mu nzu, ngo ndetse nabe amuhaye n'ayambere (Frw) kandi inzu igeze ku madirishya !! Ubu se uwo muzungu nataha aka-bivuga iwabo azaba abeshye ? Ni ah'Imana. Ngaho nimutumbwire ukuntu mu gihugu gikenye nk'i-cyacu, ubwo benshi bavuye mu byabo kubera iyi ntambara bicwa n'inzara maze abandi bakarangwa no gusesagura.

Kubona umugore wa Donati yirirwa yiga imodoka yigira ku ya

S.C.R. koko, ni agahomamunwa ? Umushoferi witwa ABOUBAKAR niwe ubizi, Ngo Madamu agomba kugaruza imari ya Leta, imodoka akayimenya ku kibi n'icyiza.

Ngiyo Etage ku Kacyiru mu mezi angahe tumaze mu ntambara nguwo MWANAYIDI yize imodoka (aha iri zina ntiribatangaze kuko yari Umuyisilamukazi nyuma akaza kubatizwa akitwa Béatrice YA-NSONEYE).

Ikindi tutakwibagirwa kwibaza ni ukuntu HAKIZIMANA Donati wiyyita Umuhutu ava inda imwe n'u-witwa MUSONI w'Umututsi ukora muri Caisse Hypothécaire ! Iyi ngo-ma y'abagabo bahishahisha ubwoko bwabo ntaho igana. Iriya Service ikeneye umuntu ukora adashaka gusahurahwa, akitanga kandi ake-mera ubwoko bwe ntakubihinduza.

Turangije duhumuriza abasho-feri ba S.C.R. Mwanayidi yigijeyo ngo ni uko atari Abayisilamu. Ubu SELEMANI na ABOUBAKAR nibo bari ku ibere.

## PEREZIDA HABYARIMANA NA BUVOYA NTIBABWIZANYA UKURI.

Uwakurikiye neza amateka y'u Rwanda n'u Burundi yamfasha guhamya ko amakimbirane yose akunze kuvuka hagati y'ibihugu byombi no hagati y'abaturage ba buri gihugu ubwacyo nta handi ashingiye uretse ku moko. Abategetsi bakomeje gupfukirana uko kuri babishaka ariko kuranga kura-barenga. N'iyi ntambara u Rwanda rurimo yatewe n'abatutsi bagishaka kugarura ingoma yabo ya gihake –bamwe na Revolisiyo ya rubanda yo mu 1959 – batewe inkunga itubutse n'abahima bo kwa Muse-veni na bene wabo bandi bari i Burundi, muri Zaire n'ahandi. Imviruru nazo ziherutse kubera mu Burundi n'ubu kandi akaba ari ibicika zituruka ku bahutu bashaka kwivumbura ku ngoma

–ntutsi yabasibiye amayira mu mashuri, mu kazi no mu gisirikare maze ikagerekaho no kubamarisha isasu n'inkota uko umwaka uta-shye. Abatutsi nabo kubera ubwoba cyangwa ubugome bivukaniye ntibazuyaza mu Kunyuza mu ryoya agahutu kihaye gukopfora kose.

Icyo kibazo rero cy'amoko cyamennye amaraso atagira igipimo y'inzirakarengane, kigatuma a-benegihugu bahunga ari benshi cyagombye kubonerwa umuti ku buryo bwihutirwa ubereye impande zose kandi ntihagire abitana ba mwana kuko ari nta bwoko bufite ikosa cyangwa buri mu kuri kuru-sha ubundi. Nta nubwo biterwa na Guverinoma iyi n'iyi cyangwa umuperezida kanaka kuko byaga-

ragaye ko ari ikibazo gihoraho. U Rwanda ntacyo rupfa n'u Burundi kindi uretse ko hamwe ha-shyizweho ubutegetsi bwa rubanda nyamwinshi rugizwe ahanini n'a-bahutu naho ahandi hagategekwa n'abatutsi bakomeza kwica abako-moka mu yandi moko kugira ngo ubutegetsi bwabo burambe akaramata.

Ihurizo ryo kumvikanisha ayo moko ryakomeje rero kuba insobe icyakora uko biri kose iyo umuntu yishingiye kuyobora abandi nk'kuba Perezida wa Republiko ago-mba no kwishingira ingaruka z'ibi-korwa byose byaranze ubutegets bwe ndetse akazabibazwa bibaye ngombwa. Bimunaniye akegura nta wazamuveba. None se nk'ubi

Kayibanda na Habyarimana bo mu Rwanda, Micombero, Bagaza na Buyoya b'i Burundi bavuga ko bakoze iki kigaragara kugira ngo amahoro n'ubumwe n'ubusabane hagati y'amoko birirwaga baririmbysha abaturage n'abagererwa babo bitengamare. Amaherezo se azaba ayahe? Aho bigeze babyibaza?

Ubundi nta muti w'igitangaza uwvi watuma umuhutu n'umututsi bumvikana mu mahoro kuko n'inkovu z'amarorerwa bagiye bakarana zikiri mbisi; icyakora abategetsi bikubise agashyi ntibarakire inyungu zabo bwite n'iz'ubwoko bwabo gusa ahubwo bagashakisha babikuye ku mutima icyateza imbere abatuye igihugu bose mu rukundo no mu butabera ibizazane by'intambara n'amacakubiri bituruka ku moko duhoramo byazahera nk'ifuni icyuye ige. Nka De Clerk wo muri Afurika y'epfo yaremeye yima amatwi bene wabo b'abazungu bagitsimbaraye ku bya kera bituma abohoza buhoro buhoro rubanda nyamwinshi rw'abirabura; inzira iracyari ndende ariko nibura yaragerageje. Kuki abacu bo batagerageza?

Kugira rero ngo u Rwanda n'u Burundi bihumeke amahoro y'ubuziraherezo zimwe mu nama nagira abakuru b'ibyobihugu ni izikurikira;

#### GUSAKAZA DEMOKARASI YUZUYE:

Ubutegetsi bugomba kuba ubw'abaturage kandi bukorera abo baturage aho kuba ubw'agatsiko k'ubwoko bumwe gusa ubwaribwo bwose, bw'ishyaka, bw'umuryango cyangwa bw'umuntu umwe wica agakiza. Ubwo butegetsi buzatangwa n'amatora adafifitse, nta jwi riruta irindi, nta bwoko buyahewemo. Mu Rwanda no mu Burundi umuturage ntiyigeze yitabwaho bishagije mu mitegekere y'igihugu no mu micungire y'ibya rubanda ahubo ugasanga igihugu cya bose cyiritirirwa bwoko bumwe, ngo hano hagekwa n'abahutu ahandi n'abatutsi. Kandi ababivuga baba bafite ibimenyetso bashingiraho ba-

bikuye ahanini ku myifatire ndondamoko y'abari ku isonga y'ubutware. Ingirwamatora zihabera ni izo gukomeza kwimika abategetsi bariho ubu kandi bakomoka mu bwoko bumwe gusa, cyane cyane nk'ijo batinya ko hari abo mu bundi bwoko bashobora kubiganzuraho maze nabo bakihimura.

Iyo demukarasi izarushaho gushinga imizi niba kandi ubutegetsi bwemera ukwisyira ukizana bya buri wese, ntihagire uhohoterwa azira ibitekerezo cyangwa inyandiko bye cyangwa ngo ahindurwe igicibwa n'imfungwa mu gihugu cye. Mu Rwanda no mu Burundi uko kwishyira ukizana ku buryo busesuye biracyari inzozi. Yego nyuma ya Revolisiyo yo mu 1959 u Rwanda rwo rwatangiye ikivi cya demokarasi ndetse ubu ho abantu baravuga bakinigura, ibinyamakuru byandika icyo bishatse, politiki y'amashyaka menshi yashyizwe mu bikorwa ariko haracyarimo udutosi; bamwe mu bategetsi baracyifata nko hambere bakoresha iterabwoba, bafungira abantu ubusa, batikurira muri byose abagaragaje ibitekerezo binyuranye n'ibyabo, bapfukirana ukuri n'ibindi n'ibindi... Mu Burundi ho ni urundi rwego; kurenganywa no kwicwa niryo gaburo rya buri munsi ry'umuhutu.

#### GUSHIMANGIRA UBUTABERA:

Ubutabera bugomba kuranga ubucamanza bw'ibyo bishugu. Birababaje kubona igikorwa iki n'iki gihinduka sakirilego ku muturage uyu n'uyu ngo nuko ari uwo mu bwoko butari ku butegetsi kandi uwo muturage ari mu kuri. Amategiko yose agomba kuba yanditse kandi akamenyeshwa abo areba bose, ntabwo rero ashyirirwaho agatsiko kamwe k'abantu barengera inyungu zabo gusa. Ntibyumvikanu ukuntu imvururu izarizo zose zahagarika ubucamanza busanzwe maze bugasimbuzwa inkiko z'akataraboneka za gisirikare cyangwa ngo iz'abahungabanya umutekano wa Leta (bashaka kuvuga w'ubutegetsi buriho). Biteye isoni n'agahinda kubona ingabo z'igihugu n'indi mitwe y'amaraso bishinzwe kurinda

rubanda bihabwa imigisha n'ubutegetsi buriho yo kumarira ku icumu abantu bo mu bwoko bwagizwe ruvumwa nta rundi rubanza. Nko muri 1976 i Sharpeville ubutegetsi bw'abazungu bwahutse mu rubyiruko no mu bandi bantu bigaragambyaga basaba uburenganzira bwabo buraraşa hapfa imbaga y'abirabura bazira ibara ry'umubiri wabo. Muri iyo Afurika y'epfo iyo umuzungu yishe umwirabura aragorewa. None se natwe dukomeze gushygikira imikorere nk'ijo y'ubucamanza n'imyifatire ya shitani y'abashinzwe kurinda umutekano wa rubanda ngo ni ugushaka ko ubwoko bumwe gusa bukomeza gutegeka?

#### GUSARANGANYA IBYZA BYIGIHUGU:

Ubwoko bugize abaturage b'igihugu aho bwaba bwarakigereye mo hose n'uko bwaba bungana kose bufite uburenganzira ndakuka bwo kudahezwa muri politiki, mu butegetsi, mu mashuri, mu mirimo yose ya gisivili na gisirikare no mu micungire y'ubukungu n'imari by'igihugu. Icyo ariko bigasaba ko buri bwoko nabwo bwemera guhabwa umugabane ubukwiye, uhwanye n'uko bungana, bukirinda rero irari rinuka ryo kwikunda no gushotorana bikunze kuboneka cyane cyane ku batutsi. Nk'iringaniza burya ntirigira uko risa iyo rigamije koko gusaranganya ibiza by'igihugu mu bagituye bose; ndetse abagize bwoko buke nibo bagombye kuryishimira kurusha abandi kuko ribarinda kuryamirwa nubwo baba bibwira ko bafashe intera ndende mu myigire no mu bukungu. Ikibazo ni abashobora kuryitwaza kugira ngo bahishahishe amakosa n'ubundi butiriganya biringa imikorere yabo. Icyakora byarushaho kuba byiza hizwe uburyo bwo kurandura burundi igitera ubusumbane butuma nyine hagomba irindi ringaniza.

#### KUBAHIRIZA UBURENGANZIRA BW'IMPUNZI:

Impunzi iyariyo yose ifite uburenganzira bwo kugaruka mu

mahoro mu gihugu cyayo igihe cyose ishakiye, umutekano wayo ukubahirizwa kandi igafatwa nk'abandi banyagihugu bose muri byose. Nta n'umwe rero washyigikira ko igice cy'abaturage cyahezwa ishyanga kimwe n'uko isi yose i-kwiye kwamagana yihanukiriye ubutegetsi bushuka impunzi ngo nizitahuke naho ubwo burashaka kuzica nk'uko i Burundi ubu byifashe. Izo mpunzi nazo ntizigomba kuza zirwana, zisenya ibyage-zweho cyangwa zitera indi midugararo mu baturage zisanze kuko zabiryozwa nk'undi wese ufuditse.

#### UMWANZURO.

Burya nta muntu uvuka ari mubi kurusha abandi ngo nuko afite ibara iri n'iri cyangwa akomoka mu bwoko ubu n'ubu. Rimwe na rimwe agirwa mubi n'abo babana n'ibihe agezemo. Simpamya ko Imana yaremye umututsi igamiye koherereza isi abicaniyi n'ababeshyi. Imyifatire ye mibiyatewe no kuba mu gihugu gituwe n'andi moko (nk'abahutu ari nabo benshi) noneho hakavuka ikibazo cy'isangira ry'ubutegetsi. Umuhutu nawe ntashobora gukomeza kwe-mera guhezwa mu byiza by'ighugu bivanzemo no kwicwa urubozo uko

hakomwe imbarutso. Naho umututsi kubera ibya mfura mbi yakoreye andi moko no gushaka kugundira ubutegetsi wenyine ntazigera aha umuhutu amahoro.

Nubwo rero gutegeka biryoha kuko harimo icyubahiro n'inoti ubanza kuba umukuru w'ighugu gifite ikibazo nk'icyo bitoroshye. None se ninde muperezida uzashobora kwibagiza amateka y'ighugu cye cyangwa uzumvisha neza amo-ko yose ibyiza byo kudasubiranamo kandi akagera ku migambi ye myiza. Uri HABYARIMANA we yari yagerageje kugera n'aho yijunditswe n'abo buhuje ubwoko ariko umututsi we ntiyabikozwa ahubwo ashaka buri gihe kugarura ingoma ya gihake-ntutsi yifashishije impunzi nye-nzi-nkotanyi n'abazishyigikiye bose. Mu Burundi naho nyir'icyubahiro Petero Buyoya yakoze uko yishoboreye atoresha n'itegeko nshingano ry'ubumwe ndetse amwe mu mabwiriza yaryo ayishyirira ubwe mu bikorwa none nk'uko mumaze iminsi mubyumva kandi mubyibonera ubu iwe haracura imiborogo; bamwe barashaka kwhorera abandi nabo bakaba babonye urwaho rwo kurimbura bat-tangiriye abo bita "abansi" n'inva-

ngaburundi aribo bahutu. Buriya se ni nde wundi uziharanga ngo afite umuti nyawo w'ikibazo cy'amoko kurenza abo bagabo bananizwa n'igihe bategetsemo nubwo babinagarajemo ubutwari umuntu ata-pfa kwirengagiza? Ni Rukokoma se?

Ndabona icyakora ko abo ba-tegetsi dufite bakomezà gufunga umwuka nka Lincoln, De Clerk cyangwa Gorbatchev bakiyibagiza ubwoko bwabo ariko nyine nabwo ntibabugambanire ngo bube bamererwa nabi- bakabwirana ukuri, bakungurana ibitekerezo ntburyarya; bagashyikirana n'imiteye yose irwanya ubutegetsi bwabo, bakad-hora hamwe na hamwe mu mitege-kere yabo n'iy'ubwoko bitirirwa kugira ngo bashimishe rubanda nyamwinshi rugizwe n'abanyagi-hugu bose nta vangura rishingiye ku moko. Bityo u Burundi n'u Rwanda bigahinduka buhoro buhoro intangarugero muri Afurika yose y'ibihugu byashimangiwemo n'umuco wa demokarasi no kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa-muntu.

Ndekezi Bonaparte  
Gisuma

## TUZEMERE TUMENE AMARASO YACU ARIKO TURWANYE INGOMA NTUTSI.

Bayobozi ba P.L.,

Tumaze kumva ko mu myigaraqbyo yanyu yo ku wa 17/11/1991 ngo mwari mugamije gutwika «kubushiru» byaratubabaje (abakunda u Rwanda) none ku giti cyangije ndagira ngo ngire icyo mbi-bwirira.

Nuje narasesenguye nsanga gutwika abashiru bivuga gutwika abahutu aribyo bivuga kandi guhana-gura revolisiyo yo muri 59 n'ubundi musanzwe mutemera. Ibyo abahutu bose bazi ubwenge kandi bashyira mu gaciro barabibonye. Abo mwa-humye amaso bo muri M.D.R., P.S.D., na P.S.R. bayobowe na ru-

kokoma TWAGIRAMUNGU ni bo bonyine bataravumbura umugambi wanyu ! Turabasaba kwibohora.

Bayobozi ba P.L. mutangiye rwose kurengera. Rwose uburenganzira bwanyu bugarukira hehe ? Abahutu twubashye abatutsi, turabihanganira, batubanisha ku ngufu mutabishaka turabyemera, none ngo mugeze aho kudutwika ! Dore rero icyo bita agasuzuguro. Ariko se rwose bayobozi ba P.L. iyo ntambara mutangije ubwo mwizeye kuzayitsinda ? Ko muyitangije se ubwo nimwe muzahitamo no kuyisoza ? Ariko se rwose iyo mu MUTARA yo ko yabananiye ubwo muri mu biki ?

Bayobozi ba P.L., imigambanyu twarayimene. Ngo mura shaka gukurura umwiryane mu gihugu none ngo igihe abahutu biraymu batutsi babatemagura inyenzibonereho kwinjira mu gihugu zig fate mpiri. Ubwo se inyenzi nizinjira mu gihugu warapfuye uzunguk iki ? Harya ngo murashaka ibita mbo ? Ngaho nimwiyahure naba bwira iki. Kuki rwose mutareba ku re ? Ubwo se ko mushobora gushiza intambara bakabatemagura n'nyenzi ntizinjire mu gihugu ? Ibyrwose ko ari byo bishoboka ! Doraho nibereye. Ariko bwa bweng bwanyu mujya muturatira buthe ? Ibyo muri Ngororero murbyibagiwe ? Inyenzi zarabashut:

ku maradiyo mpuzamahanga ngo zigeze ku birometero 20 ngo zifate u Rwanda, mwishora mu mihanda mutukana, musebanya ngo u Rwanda murarwitoraguriye ! Ibyabaye ntumubizi ? Ko inyenzi zitiniyi ngo zifate u Rwanda. Mperutse gusoma muri Kanguka ngo mwabonye RWIGEMA ! Ahandi ngo mwujuje ibibuga by'indege mu Mutara ngo n'amavuriro ya karahabutaka mu Ruhengeri ! Ubwenge buke buragwira peeee ! Ubwo rero mubeshya abatutsi nabo bisarange ngo igihugu mwacyifatiye ! Nimuthishikare rwose kubashuka. Tuvgishe ukuri : HABYARIMANA ni iki atakoreye abatutsi ? Muri 84 yabakijije RIZINDE na KANYAREGWE bashaka kubatsembaho, kungoma ye mwifatiye ubukungu bwose bw'igihugu, ubutegetsi nabwo mwari mbufite kuko abenshi mwategekaga mwarahinduje amo-ko, amashuri ni mwe mwiyigira gu-

sa(...) : ibi nawe ubwe arabyiyiziye ahubwo natwe turarira, none rwose muri mu biki ? Gitera ati loni (l'O.-N.U.) yindi izava he ? Nanje nti HABYARIMANA wundi azavahe? Ngaho nimwikure amata mu kawnwa.

Intambara yo gutwika abahutu murayitangije, turaje tuyirwane re-ro. Mwadusabye amaraso tugiye kuzayabaha ! Abahutu aho muri hose nimuhaguruke turwanye inyenzi aho ziri hose. Iimbabaje ni kimwe : hari abatutsi rwose bazi ko ubumwe n'amahoro ari byo nkingi y'amajyambere, none P.L. igiye kuzabashora mu ntambara batazi batashaka. Abo rero mbasabye ko badufasha tukamaganira kure ibikorwa bibi by'ishyaka P.L. rishaka kubavutsa ubuzima bwabo kandi ntacyo bari babuze.

Ndarangiza nongera kubasaba bayobozi ba P.L. ko mwareka gusu-zugura abahutu. Twebwe twakoze uko dushoboye twubaha abatutsi tubitojwe na Général n'ubwo aben-shi muri bo natwe batatwubahye (gusa ndacyashima abake burvva ko uru Rwanda turusangiye), twarabi-hanganjiye, murakira turicecekera, (...) gusa P.L. n'inyenzi-nkotanyi nimukomeza umukino wanyu mwitwaje ngo abahutu nta bwenge tizi, ndababwiza ukuri akanyu kazaba kashobotse. Tuzemera dukore indi revolisiyo. Erega ntawe uvukana imbuto, kandi nta n'uwigize azivukana. Amahoro n'ubumwe ni byo nkingi y'amajyambere. Uyu kandi ni wo mugambi wa Général akaba ari na cyo tumukundira kizatuma tumena ni biba ngombwa amaraso yacu ariko agakomeza kuyobora uru Rwanda igithe akibishoboye.

Alexis KWITEGETSE  
C.P.I. — Le Journal KANGURA

## UMUTEGO WA RUKOKOMA MU RWANDA

Ubundi Rukokoma ntacyo itwaye iyo ikoze na Rubanda maze abaturage bose bakayiyumvamo n'ibyemezo bifashwe bikaba ari ibyabo.

Mu Rwanda siko bimeze,

Nubwo abanyamashyaka bishesha abaturage ngo iyo Rukokoma izabavugira, umutwe wizwe kera.

Muti gute ?

1. Amashyaka menshi n'ay'abatutsi cyangwa akorana nabo (MDR, PL, PSD, PSR n'andi agiye kuvuka).
2. Abatutsi bamaze gushyiraho imiryango idaharanira inyungu myinshi cyane (Kanyarwanda...) kandi igizwe n'abanyabwenge b'abatutsi bazi icyo bashaka kugeraho. N'abanyamadini ni abatutsi.

Ariya mashyaka n'iriya miryango idaharanira inyungu nibyo bitaba bifite ijambo kandi biganishe byemezo aho bashaka (orienter les décisions).

Naho abaturage ngo bazahagararirwa n'amakoperative ? Muzasanga naho abatutsi bakora uko bashoboye ngo bayategeke maze aribo bazajya muri Rukokoma.

Kuko, niba muri Rukokoma, Rubanda Nyamwinshi izahagararirwa ku buryo bwuzuye, kuki bitanyura mu matora ?

Ikindi, nubwo abaturage bahagararirwa muri Rukokoma, ibyemezo bizafatwa n'abanyabwenge n'abanyamijyi kuko aribo bahugukiwe. Aho hose higanje abatutsi n'abanyamadini nibo gusa.

Ntibizabatangaze rero nimubona Minisitiri w'Intebe atowe ari nkotanyi.

Kuko muri ayo matora afifitse yo muri Rukokoma n'ifaranga ry'l-nkotanyi rizakora. Umuhutu wewe uhagarariye Koperative «Isuka» y'abahinzi borozi bo mu misozi ni ahawba igihumbi, agasengererwa muri

Meridien azatora uwo Inkotanyi zishaka,

Bana ba Gahutu, ubufatanye bwa MDR — PL — PSD — PSR ntacyo bubabwiye ? Ese mubona MDR y'ubu ari ishyaka rya Kayibanda kuko nziko ariyo mpamu mwari-giyemo uretse ko bamwe muri mwe bafite umutima nama batangiye kurivamo ? Rukokoma si demokarasi ! Kubona amashayka y'abatutsi ayishyigikiye kandi atinya amatora murabizi ?

Ariko natwe abahutu ntidutinya Rukokoma ipfa kuba idafifitse. Dore Rukokoma iberanye na Demokarasi. Dutore abaserire, abanya-nama, ababurugumesitiri, abaperere n'abadepte maze aribo bakora Rukokoma. Kuri abo hiyongereho abahagarariye amadini, abasirikari, imiryango idaharanira inyungu n'abandî.

Ngiyo Rukokoma idashobora gupfinagaza Rubanda Nyamwinshi.

MIRASANO C.

# KANGURA NTIGITERA IMIZINGA YA KURE MU KURWANYA IBINYAMAKURU BY'INKOTANYI. IMPAMVU IRAHARI.

Mu gihugu imbere no hanze yacyo, abanzi b'u Rwanda baragenda bafata ibara ry'ahantu nk'u-rwumvu (uruvu ou caméléon). I-byo turabyerekwa n'ingingo zimwe na zimwe turi bukure muri Kangura zasohotse mu mwaka ushize w'1991. Ni uguhera kuri No 8 kugera kuri No 28. Muribuka ko mu mpera z'umwaka w'1990 no mu ntangiriro z'uw'1991 ko ubutegetsi bw'u Rwanda bwaharabikwaga n'i-binyamakuru byo hanze gusa. Muri rusange wabonaga ibinyamakuru byo mu gihugu bigaragaza umwanzi uwo ari we. Ibijijisha birabanza bira jijisha.

Mu kwezi kwa mbere, Kangura No 8, ku rupapuro rwayo rwa 18, hari inyandiko y'igifaransa «Le Journal LE VOLCAN chante au rythme de la calamie, de l'intrigue et de la zizanie» yanyomozaga inyandiko zari zasohotse muri No 55 y'icyo kinyamakuru. Muri iyo nyandiko, mugenzi wacu Selesitini MIRASANO yagize ati «mu by'u-kuri i Goma hari ikinyamakuru cyiyita LE VOLCAN gifite intego yo gukwirakwiza ibinyuranye n'ukuri ku RWANDA». Muri iyo nyandiko harerekana wa ukuntu u Rwanda atari ubutaka butubahiriza uburenganzira bw'ikiremwarmuntu, ndetse hakaba hatarangwa n'ihutaza. Muri icyo gihe, LE VOLCAN yasabwe kujya yiyyita uko yambaye, ni ukuvuga igikoresho cy'itangazamakuru cya FPR-Inkotanyi aho kuba iki-nyamakuru cy'lbiyaga Bigari. Durukirikije ibyakomeje gusohoka muri icyo kinyamakuru, kandi duhereye ku mateka yacyo twabashije kumenya, twasanze ari ikinyamakuru cyagombaga kubaho nyine mu ntambara y'Ukwakira. Abagiye bagitanngamo imigabane myinshi murabibuka, abensi muri bo twagiye tugezaho ubuzima bwabo. Ku mrongo wa mbere haza GAHIGA

mwene Rucibigango wigize Umuza-yirwa, hagataho MUNYAMPIRWA BAHEMBA uherutse guterwa igitero nka cyakindi cya KAJEGUHA-KWA Valensi. Imfashanyo BISENGIMANA yateraga icyo kinyamakuru yo ntuvuge. Nkuko bigaragara kuba icyo kinyamakuru cyari kigeze kuri No 55 muri icyo gihe, ni ibyerekeye ko gisa n'aho cyavukanye n'iyi ntambara.

Na none kandi muri icyo gihe u Rwanda rwari rwijunditswe n'i-binyamakuru byo mu Bubili. Mbese byari byabaye gatumwa. Umudamu Marie France Cross we wagiraga ngo bari bamuroze baringa yo kubona amaraso ku butaka bw'u Rwanda n'ibindi bibi byose. Muri No 9 yo muri Mutarama, byabaye ngombwa ko tumwandikira inyandiko twise «L'art de mentir de Marie France Cross». Icyo gihe twamusabye kutagira aho abogamira, tumwibutsa gusoma PULA y'ubu KOLONI bw'Abatutsi iri muri No 4 ya Kangura noneho akagira icyo atekerezza ku Nkotanyi. Nyamara turibaza niba Abatutsi boshyaga uwo muzungukazi, bakaza no kwiha kwiterura kuri J.P. HARROY bamwumvisha ko bazatsinda, niba barongeye kugira ubutwari bwo kumushaka ngo abasubiriremo ko Abahutu abazi kubarusha.

## GUHINDUKANA N'IGIHE...

Mu kwezi kwa Gashyantare twabagejejeho ibarwa ifunguye yanditswe n'intiti zirimo aba Dogiteri 16 n'abandi bensi bafite impamyabushobozi zihanitse, bayandikiye Perezida Yoweri KAGUTA MUSEVENI wa Uganda. Muri make bamubwiraga ko ibyo yakoreye igihugu baturanye biteye isoni, Banamubwira ko ariwe utuma iyi ntambara idahagarara. Nyamara aho ibihe bigeze, ukurikije intera poli-

tiki y'amashyaka menshi imaze kugeraho muri iki gihugu, hari bamwe mu basinye kuri iriya barwa wabaza uti «ese Museveni niwe koko utuma intambara itarangira ?» bakan-gusubiza badaseka ngo ararengana. Cyangwa ngo uruhare afitemo ni ruto cyane. Nyamara bakibagirwa ko basinye amagambo agira ati «Or tout concourt maintenant à prouver et à faire croire à n'importe quel observateur que c'est plutôt vous qui l'avez sinon provoquée, du moins continuez à la favoriser et à l'entretenir». Aha intiti zirahamya Museveni ko ariwe washoje intambara bitaba ibyo akaba ariwe utuma itarangira. Reba Kangura No 10, urup. 15 igika cya 3. Ibyo dute-kereza bishobora kuba byo cyangwa ukwishuka. Ariko niba hari abatagaragaza mu bikorwa biriya bikubiye mu ibarwa basinyiye, byaba byerekana guhindukana n'igihe n'ubwo cyaba kiriyamira ukuri.

## PAPIYASI NGABOYAMAHINA YATANZE UMUGANDA USHIMISHIE

Mu kurwanya Inkotanyi hakoreshejwe ikaramu n'ibiganiro, Papiyasi NGABOYAMAHINA, afatanyije n'abanyeshuri b'Abanyarwanda biga mu Bubili, bahagaragaje ubutwari. Abo bavandimwe tubibuka cyane muri Kangura No 14 aho bagira batu «aho amasezerano Leta y'u Rwanda yagiranye n'Inyenzi aho azatugwa amahoro ?», Ingåraka mbi z'ayo masezerano ntizatinze kwigaragaza kuko Gereza ya Kigali yahise iruka ibyitso byose igasigara yumvisha Abahutu b'abasivili n'abasilikare gusa.

## IBINYAMAKURU BY'INKOTANYI BITANGIRA GUKORERA MU GIHUGU NTA NKOMYI.

Muri gicurasi 1991, Rwanda Rushya ya Kameya yari imaze kujya ahagaragara. Iza igamije kuzuza

umugambi muremure wo gusubiranyamo Abahutu kugirango ingufu zabo zitatane, Nyamara iyo usubiyé mu mateka ya vuba usanga uwo Kameya ari mu barwanashyaka bambere ba MDR itari PARMEHUTU. Aho PL iziye ahita anyerera. Ubu muri iki gihe we na Faustin TWA-GIRAMUNTU bari mu baziba icyuho cyagombye kuba hagati ya PL na MDR. Ibyo byose birerekana iki ? Urebye neza muri uko kwezi kwa gicurasi nibwo Kangura yari itangiye kugabanya imizinga ya kure kuko intambara yo guhangana n'ibinyamakuru by'Inkotanyi yari igeze aho umwe arebana n'undi. Mu

gihe cyakurikiyeho havutse ibindi binyamakuru byinshi by'Inkotanyi mu gihugu. Ntibyaduciye intege kuko twakomeje kugira ubushake bwo kubigarura mu nzira iboneye, kandi turacyakomeza.

Hagati aho ngaho turasaba Abahutu bose kugira ubumwe kuko umwanzi wacu nawe ari umwe, Icyo tugomba gushyira hamwe gitangirwa ubuntu ariko kiragoye. Icyo kintu ni ibitekerezo birengera Umuhutu. Kugira ibitekerezo bitandukanye bituma habaho amashyaka menshi, ni ngombwa, ibyo nibyo natwe dushyigikiye. Ariko iyo u-

bwo butandukane mu bitekerezo budutegeka gufatanya n'Inyenzi si ibyo gushyigikirwa. Hari Abahutu ureba ugasanga bameze nka wa mwana udasobanukiwe wabonye ikimasa cya rutura kirimo kiganga gikuyemo umurego maze akagira uwoba agahamagara nyina ati : «Mama, dore kiriya Kimasa cytobotse!» Hari icyo se cyari kibaye ? Mujye namwe mwumva aho Abatutsi basakuza mukeke ko hari icyo babaye kandi mubona baranze kuva ku izima nk'uko bigaragarira mu binyamakuru byabo.

KANGURA.

## AKADURUVAYO MU BIRO BY'IBARURA MU MUHIMA

Urashaka kurambagiza ? Cyangwa urashaka kureba umwiyereko w'iniana z'imfura muri ka karuri ka Kabuga Felisiyan ? Havutse agatsiko k'ubukotanyi kica kagakiza kayobowe na Nsabimana Modeste na Mbonimpa Yohani Mariya Viyani (bombi ni abahutu) bahawe amafaranga kugirango batsembe imbaga nyamwinshi y'abahutu. Dore amavu n'amavuko y'ibyo binto : Imirimbo yo gutegura iryo barura igitangira, hakozwe ibizamini byinshi byo gutanga akazi. Habanje akazi k'abashushunya amakarita y'ibarura (topographies). Abatsinze ibyo bizamini n'abatutsi n'abahutu batanze amahene kwa Nsabimana Modeste. Ministre Nzabonimana Callixte amaze kumenya ubujura bw'uwo mugabo, nibwo yiyemeje gunagarika bamwe muri abo abasimbuza abandi bari baratsinze ariko ntibafatwe. Aho Ministre Ngirabatware aziye atazi i-byabayebere, bongeye kubagura bakora nta contrat, Ministre atabizi. Maze ka gatsiko karongera karuzura karadamarara, Si ugukora amarorerwa barica barakiza. Dore amwe mu yo bakoze.

Uwitwa Gashayijja umututsi wo ku Gikongoro akaba yarabaye Sergent Major mu Burundi ndetse no muri Uganda, yahaye Nsabima-

na Modeste Frws 25.000 kugira ngo amuhe akazi. Uwo niwe wagiye yamamaza muri bene wabo baba ku Kibuye n'i Cyangugu ko abatutsi biteguye gufata ubutegetsi maze abahutu bagashyirira kw'icumu. Ibyo yabikoze kuva mu kwezi kwa 6/90 kandi ari mu ubutumwa bwa Leta. Amaze gutahirwa na bagenzi be bakoranaga bemera amatwara ya Demokarasi, yarirukanwe ahita atoroka.

Kw'itariki ya 3/11/1990 mu intamabara hagati, iyihe ibiro by'ibarura byakoreraga mu Kiyovu kwa Yezu hafatiwe inkotanyi yari ije kureba Nsabimana M. na Nkusi Paul (bose ni abanyakibuye). Uwo Nkusi Paul ni Mwene wabo wa Rwigara, yagiye muri Sitage muri Canada mu kwezi kwa 7/90, atashye anyura mu Buraya mu mibonano n'inkotanyi. Ikindi kibabaje nuko abakozi bamwe b abatutsi barimo uwo Nkusi banze kujya gutegura ibarura mu makomine aberamo intambara ya Runengeri na Byumba ndetse na Gisenyi, bakoze guhembwa amafaranga ya Leta ntacyo bakora mu biro. Maze Nsabimana Modeste Chef w'agatsiko yoherezayo abahutu barushye ngo ntibava amaraso. Ibyo byarakomeje abo bagabo bombi (Mbonimpa na Nsabimana) n'aga-

tsiko kabonkomeje kwibasira abakozi bafashe ya nkotanyi kugeza ubwo babirukanisha. Ubusanzwe abakozi bo muri resensem babonaga amafaranga y'ubutumwa (prime de terrain) kuri 15 za buri kwezi. Uwo Nsabimana yagiye gusura umukozi witwa Kamali i Butare muri Komini Maraba atamushyiriye amafaranga kandi hari kw'itariki ya 13. Yari aje gukora iki ? Ni amatiku yari amuzanye rero !!! Kuko Kamali yagejeje kuri 15 nta mafaranga arabona ntiyashobora gusubira i Kigali kuko yari atarishura amafaranga yafashe kuri Komini. Kubera iyo mpamvu, aho agereye i Kigali yirukanwe ku kazi ngo yaratine kandi akiri muri Komini bamwonherejemo ategereje ko bamuzanira amafaranga ngo ayishure. Twibutse ko Kamali ari umwe mubafashe ya nkotanyi.

Gusumbanya abakozi bakora akazi kamwe : kugirango imirimbo yo gutegura ibarura irangire vuba, hashyizweho gahunda yo gukora nyuma y'amasha ateganyijwe kandi ahemberwa. Birababaje kubona bamwe bayahemberwa abandi baka-yabura. Ministre yatanze ishimwe ku bakozi bose yuko imirimbo y'ibarura yagenze neza, Mponimba yaha uburenganzira bwo kuyimisha abashushyanya amakarita kandi aribonko bateguye ibarura kurusha abandi.

**KA02 1574**

Gusahura umutungo wa Leta : hari abakozi benshi badafite amasezerano y'akazi Ministre atazi bahembwa kimwe n'abafite amasezerano y'akazi kandi ntibabavaneho umusoro wa Leta n'ubwiteganyirize bw'akazi bagahabwa amafaranga yabo yose batabariwe iminsi nkuko bigomba kugenda kuri ba nyakabyizi. Cfr liste de paie du Mois de MARS/91.

Gusuzugura ubutegetsi : Kuva mu kwezi kwa 9/91 ba bakozi bafashe inkotanyi bose birukanwe ku kazi nta mpamvu kandi Ministre bagiranye amasezerano y'akazi atabizi. Hari aho byabaye ngo amabwiriza y'umuyobozi (notes de services) yirukana umukozi wateye Kontaro ??? Iyo mikorere yabo mibi yatumye mu bakozi bagera kuri 200, 180 bose baba abatutsi abenshi bakaba ari abagore. Unyarukiye muri Archives, uzahasanga Nyiracyimana naba Mutembashyushu bamwe bakaba baturanye na Directeur Mponimba J.M.V., ama-

banga pafitanye ntawe uyazi !!! Ikibabaje ni uko abo bantu batigeze bakora ibizamini kandi bakirukana abakozi bamaze igihe kandi bahawe akazi batsinze ibizamini.

Ni ugera muri contrôle manuel nta muhutu uzahasanga mba nkuroga. Wagirango ikizamini cyakorewe ku izuru ! Muri codification uzarebe rikipe ikora mugitondo n'indi ikora ni mugoroba nawe amaso azakwihera, uzahita urambagiza n'ubishaka inyana y'imfura dore ko i Nyamata zitagihari ziyiziye kwa Kabuga kubarura abanyarwanda !!! Uzajye kureba abatoranijwe guhugurirwa gukora kuri ordinateri (saisie) uzibonera uruhongore mama we !!! Dushingiye ko ibarura ari umurimo ufitiye imbaga nyamwinshi akamaro, rubanda irifuza ko iyo servisi itarangwamo ubusahuzi, ubutiriganya, ironakoko, n'ibindi. Rubanda irifuza ko abakozi baho hotewe bakiranwa basubizwa ku kazi bidatinze kandi pagahabwa imishahara y'amezi bahagaritswe.

Rubanda irifuza ko abakozi bahawe akazi badakoze ikizamini bahagari-kwa kuko bahawe akazi hakoreshejwe ikimenyane. Rubanda irifuza ko umuyobozi mukuru wa Statistique muri Miniplan yahagarikwa kuko ariwe mavu n'amavuko yo guha akazi abatutsi gusa muri iyi minsi.

Dukurikije imikorere mibi ya Nsabimana Modeste muri Minitraps (cartographie) akaba amaze no kwanduza Miniplan, turasaba ko yakwirukanwa burundi mu bakozi ba Leta, ndetse agakurikiranwa n'ubutegetsi kubera imicungire mibi y'umutungo wa Leta.

Rubanda irifuza ko umuyobozi mukuru ushinzwe ibarura Mbomimpa yahindurirwa imirimbo kuko adashoboye kuyobora rwose.

Rubanda irifuza ko Minisitiri Ngirabatware uzwaho ubwitonzi ubushishozi n'ukuri yakurikira ibyo bibazo mu maguru mashya.

HITIMANA Noël.

**PUBLICITÉ**

**Ubwanditsi bwa KANGURA buramamaza Ishyaka P.D.R. (Parti Démocratique pour la Révolution).**

Tumaze kubona ko rubanda nyamwinshi ikeneye ishyaka ryayo riyigeza kuri Demokarasi nyayo, rikayitoza kwivugira no kuvugira abadasite aho bavugira, dusabye abanyarwanda bose mu madini yose, kuyoboka P.D.R. Iryo shyaka ritangiranye abayoboke benshi mu Rwanda, cyane cyane abashyigikiye ibitekerezo bya Dr. KAYIBANDA Grégoire, byo kurengera inyungu za rubanda nyamwinshi, n'ibitekerezo bya HABYARIMANA. we ushyigikiye amahoro n'amajyambere.

Abashaka kuba mu buyobozi bw'iro shyaka, n'abifusa ibisobanuro ku buryo burambuye, nimubaze GISENYI INFORMATION B.P. 19 GISENYI, cyangwa B.P. 1312 KIGALI. Amahameremezo iryo shyaka rizagenderaho ubu arimo arategurwa n'akanama kabizobereyemo.

Umuco wo kugaya si uw'abanyarwanda. Muzi neza ko hari abashimishwa no kuvuga ko Leta zombi ntacyo zakoze. yaba iya HABYARIMANA yaba n'ya KAYIBANDA. Twebwe icy'ingenzi ni ugushima ibyakozwe n'abategetsi b'u Rwanda kuva twipakurura ingoma ya gihake tukarebera hamwe ukuntu ibyiza byakozwe byakongerwa.

Abazagana iryo shyaka rero muzaze muzi ko tudashinzwe gusebanya no kuba bantamunoza. Muze twunganire abatubanjirije muri Politiki, n'abarangije akazi k'busirikare. Ngiryo ishyaka ryanyu, ababuze kivugira nababwira iki !

**KUBERA KO BIMAZE KUGARAGARA KO ABATUTSI BO MU BUGANDA — RWANDA — ZAYIRE NO MU BURUNDI BIFUZA KUDUTEGEKA BABINYUJJE MURI CORRIDOR-HIMA, HAGOMBA ABAHUTU BENSHI BAKWIBUMBIRA MURI P.D.R. PARMEHUTU, BYABA NGOMBWA IRYO SHYAKA RIGAKORANA NA PALIPEHUTU YO MU BURUNDI, BITYO ABAHUTU BOSE BAKABONA AHO BAVUGIRA, NTIBAKOMEZE KWICWA URUBOZO.**

# UKURI KU BIHUA BYARI BYAKWIRAKWIWE MURI KAMI-NUZA YO MU RUHENERI.

KA02 1575

Mu Rwanda hari inyangabirama zitishimiye ifungurwa rya Kaminuza y'u Rwanda. Izo nyangarwanda rero ubu zirakora uko zishoboye kugira ngo Kaminuza y'u Rwanda yongere ifungwe uretse ko batazabishbora.

Izo nyanga rubyiruko rw'u Rwanda mu minsi yashize zahimbye igihuha, zifashisha bamwe mu banyeshuri bo muri Kaminuza ngo bakwirakwize icyo gihuha mu banyeshuri ndetse no mu bakozi. Abakwirakwije ibyo bihuha bashituye abo imitima yoroshye maze abenshi barahunga.

Ibyo bihuha ubu ni imwe mu ntwaro z'umwanzi asigaye akoresha, dore ko urw'amamasu zarutsinze rugikubita. Biriya bihuha ababikwirakwije batangiye babe shya ngo abahutu baratema abatutsi. Biriya byitso by'umwanzi bibonye kidashyitura cyane byongereyeho ngo noneho ni abakiga baratema abanyanduga. Arega ubwo umwanzi yari atangiye guca abahutu mo uduce. Nyamara bariya ba bwenge buke bahimbye kandi bagakwirakwiza kiriya gihuha, nabo bazi ko abanyagisenyi n'abanyaruhengeri batiza izina ry'ubukiga muri Kaminuza yo mu Ruhengeri, bata geze no kuri 3 % by'abanyeshuri biga muri iyo Kaminuza.

Abanyeshuri bashira mu gaciro bamaze kumenya ko ari ibihuha bifuje ko ubuyobozi bwa Kaminuza bwakora iperereza risesuye kugira ngo abakwije biriya bihuha bashyirwa ahagaragara, kandi bahanwe ku buryo bw'intangarugero.

Muri iki gihe, abatutsi baracyakomeje imigambi yabo mibi yo gusubiranishamo abanyarwanda. Kuko muri icyo gihe hakorwaga iperereza ryo kuvumbura abakwije ibihuha, umututsi udashishwa yakoresheje inama mu cyumba cye, hamwe n'inshuti ze baranwa barabyina biratinda kandi ubuyobozi

bwa Kaminuza butaramenyeshejwe iyo nama. Iyo banywa bakanabyina gusa ntacyo byari bitwaye. Kubona bararangije kunwa bakajya kumena inzugi z'ibumba by'abandi banyeshuri? Ibyo bisuma CYUBAHIRO yahaye amashuri bitayashaka muri iryo joro byamenye inzugi zirenze 4. Nyamara se ntihari bene gahutu benshi bashaka kwiga ariko bakabura.

Bwarakeye ubuyobozi bwa Kaminuza buhamagaza uwari wakoresheje inama, azanye n'abari bamenye inzugi. Bageze imbere y'ubuyobozi bwa Kaminuza havuyemo icyihebe kimwe kivuga ko aricyo cyonyine cyamenye inzugi ko abandi bose ari abere. Uriya wi yemeje kuba igitambo ngo niwe wenyinge uzahanwa, naho abandi bigaramiye. Ese twakwizera dute ko bariya bagenzi be yemeye kwitangira batazagira izindi nzugi bamena? Ese kiriya gitambo cy'abanyamurengwe cyahanishijwe iki? Ngo yagizwe externe ra? Ubwo se abandi banyeshuri bagizwe externe kandi barihirwa amashuri na Leta y'u Rwanda bakoze irihe kosa? Ubwo se bene macunshu bazi bwengene, bemeye kwirya bakimara ariko bakirihira amashuri kandi bakicumbikira kuko Leta yabateye utwatsi kuva kera bakoze irihe kosa muri uru Rwanda.

Ku kanama kashizweho n'nama ishinzwe umutekano muri Kaminuza kugira ngo gatahure abakwije ibihuha ngo hari nk'abantu batahuweho ibimenyetso by'ukuri. Uretse ko abanyeshuri bagiye kuruhuka ubuyobozi bwa Kaminuza butabibamenyesheje kandi ryari ri isezerano.

Abashizwe mu majwi ni umugabo witwa GASANA wari ushinzwe gutunganya nako kongera ibibazo by'abanyeshuri. Uriya mugabo Gasana ubu ngo yoherejwe gukora muri Kaminuza y'i Butare. Ba bwenge buke rero babonye ko bavumbuwe bahimba indi mitwe. Banditse igipapuro cy'igitaragite

bacyoyerereza ka kanama. Icyo gipapuro cyabeshyaga ko inkuru atari ibihuha ko abayobozi ba Kaminuza b'abaperefegitura ngo bifashishije abasirkari n'abanyeshuri ngo bagombaga kwica abatutsi magana atatu.

Kiriya gihuha cyanditswe ki meze nka bimwe tumenyereye gu soma muri cya kinyamakuru Kanguka cya Ravi? muramenye banyeshuri bo muri Kaminuza ntihazagire uwo bikura umutima. Kuko kuva iyi ntambara yatangira ibinyoma n'ibihuha by'inyenzi ntutsi tumaze kubiményera.

Hari abavuga ngo ikwirakwiza rya biriya bihuha rifitanye isano n'amatora y'abayobozi b'ishyirahamwe ry'abanyeshuri. Kuko ngo amashyaka ayobowe na PL ishaka gufata ubutegetsi ku ngufu, ngo yashatse kuzana ubwumvikanne buke hagati y'abahutu b'abakiga n'abahutu b'abanyenduga; kugirango abatutsi bose b'abanyenduga batore umuyoboke wa rimwe muri ariya mashyaka yashumitswe na PL Bityo umuyobozi wa ririya shyirahamwe akazaroha abanyeshuri muri ariya mashyaka. Ibi nabanje kubishidikanyaho.

Ariko ngeze i Kigali hari umwe mubayobozi bakuru ba PSR, rimwe muri ya mashyaka yi yemeje kuja ku ngoyi ya PL wabajije umusaro w'i Nyakinama ati ese sha ibaruwa twandikiye umuyobozi w'ishyirahamwe ryanyu, tumusaba kubangisha ubutegetsi bwa Habyarimana hari icyo yayibabyiyeho? Nsubiye i Nyakinama nsanga koko uriya muyobozi wacu yarabonye iriya baruwa arituramira.

PSR kimwe n'andi mashyaka ashaka kugira abanyeshuri ibikoresho byabo kugira ngo abayobozi bayo babone uko biggerera ku nyungu zabo batavunitse, nibasubize amerwe mw'isaho. Kuko ishyirahamwe ry'abanyeshuri ritazagira ishyaka na rimwe ribogamiraho.

RUBERA Papias.

## KANGURA IRATAKAMBIRA AMAHANGA.

Journal KANGURA  
C/o Gisenyi INFO.  
B.P. 1312 Kigali  
Kigali, le 26/12/1991.

**Impamvu :** Kumenyesha amarore-rwa akorerwa abahutu bo mu gace k'Afurika yo hagati cyane cyane mu Burundi.

**Nyakubahwa Perezida wa Republik y'Ubufaransa i Paris**

Binyujijwe kuri Perezida wa Leta zunze ubumwe zo muri Amerika i Washington.

Binyujijwe kuri nyiri icyubahiro Umwami w'Ububirigi.

Binyujijwe ku miryango yose itera inkunga u Burundi.

**Nyakubahwa Perezida,**

Twebwe abanditsi ba KANGURA, ikinyamakuru cyigenga mu Rwanda no mu mahanga, tubiyambaje kugirango tubagezeho amarorerwa akorwa n'abatutsi bo muri kano karere dutuyemo mukaba muhafite abahagarariye igihugu cyanyu.

### IIBAZO NI IBI BI KURIKIRA.

Io Nkoko mu bizi muri kano karere kacu hatuye ubwoko bugizwe n'abantu bake ariko barangwa no kwikuza bita abatutsi. Hakaba n'abandi basa nkaho batazwi kubera kwibera mu mashyaka aribo batwa. Hakaba na ba rubanda nyamwinshi bo bagize hejuru ya 85% by'abatuye u Rwanda n'u Burundi. Abo batutsi rero bigeze gutegeka u Rwanda, u Burundi, igice cy'u Buganda, n'igice cya Zayire. Nyuma y'igice cya kabiri cy'iki kinyejana turimo mu

Rwanda baje kwamburwa ubutegetsi habaye ubufatanye bw'abagiraneza b'abazungu na ba baturage bagize umubare munini. Ariko ntibyciriye aho kuko abatutsi bafataniye n'umuhima Museveni baje kwiga amayere yo gukoresha imbunda no gusebanya kugirango babone uburyo bazigarurira ubutegetsi bw'i Kigali. Ibyo bakabigira bashaka kwigana ubutegetsi bw'i Bujumbura kuko abatutsi ari bo bagitegeka mu gihe kirenze ibinyejana 4.

Mu bufatanye bwa Museveni bwahise bwigaragza kimwe n'ubutegetsi bw'i Burundi bwatanze ahantu ho kwitoreza ibya gisirikari, abatutsi baketse ko bazafata u Rwanda bتابago. Mu gihe baruteraga, abahutu bunze ubumwe, bashygikira ingabo z'ighugu maze zikubita umwanzi inshuro maze ubufatanye bw'abatutsi buba bukojejwe isoni. Kubera amayeri yabo, bakomeje gutera baturutse mu Buganda ariko abenshi bagatorezwa mu Kirundo ho mu Burundi. Bensi kugeza ubu ntibarabyumva nyamara bu-riya bwoko bufite umugambi wo kwigurira Afurika y'Ibiyaga bigari ; muri Uganda baratsinze. I Burundi n'uko u Rwanda rumaze gu shiyirwa hagati, muri Zayire ho icyifuzo cyo kwigurira Kivu y'amajyaruru n'amajyepfo, kigagarira mu mabarwa abatutsi bo muri aho gace bandikiye umuryango w'abibumbye basabira aho han-tu ubwigenge.

Mu gushaka gutata cyangwa kuguma ku ubutegetsi, abatutsi bategeka u Burundi bahimbye amayere bemeza ko ishyaka rigamije kubohoza abahutu ryitwa PALIPEHUTU ngo ryateye u Burundi. Nyamara namwe ubwanyu

mwaje gusobanurirwa n'abahagara-riye u Bufaransa i Bujumbura ko ibyo bintu byahimbwe n'abasirikari b'abatutsi b'i Burundi bagambiriye kurimbura abahutu. Ubwo rwose biracika kuko intumwa zihagarariye Uburenganzira bw'Ikiremwa Muntu zikorera aho i Buraya zagiye gukora anketi mu Burundi zabyerekanye. Zimaze kuhagera zasanze ibihakore-rwa biteye isoni, nyamara ibihugu ni imiryango mhuza-mahanga biga-komeza bikicecekera.

Ntibyumvikana ukuntu u Burundi bwafata abantu 250 icyarimwe (b'abahutu) maze bagahambwa mu cyobo kimwe kandi ari inzira karengane, ntaho bahuriye n'ibya politike. Kandi n'ubwo baba hari aho bahuriye nabwo nta shingiro bifite ngo abantu bapfe kariya kagene.

Icyo twe tubasaba ni uko mutakwizera cyane ibivugwa na Leta y'u Burundi, ahubo mukakirana ubushishozi ibizatangazwa na za ntumwa zoherejwe gukora iperereza zivuye i Buraya, dore ko ziye-meje no kuzakora ibiganiro mbwirwaruhame kubyo ziboneye kugirango abahaguruka, bahagurukire gukiza inzira karengane.

Uguceceka kwanyu kudutera ibibazo, nyamara muremutse mutangaje icyo mubitekerezaho hari ubwo byagirira rubanda nyamwinshi akamaro kanini.

### ITANGAZO

Journal KANGURA iramenyesha abaturage bose ba Komini Butaro ko yifatanyije nabo mu kababaro batewe n'igitero cy'l-nyenzi-Inkotanyi. Amayeri y'umwanzi mwese mwarayamenye, mukomeze mube maso.

Turi kumwe.

### PEREZIDA HABYARIMANA ABANYENDUGA BAME KINNYE I MU TWE NTUY ASOBANU KIRWA.

Iyumire nawe Abanyenduga bashatse kumwica nabi 1973 kuko yari abahagamiye ly'i Rwanda ikinga akaboko. Aho agereye ku butegetsi nabwo yibagirwa ko inkoni ikubise mukeba usireza orogo. Banukina umutwe taratinda Silico je ubutegetsi bwitwaga ko bugizwe n'Abakiga abuhahaye batabumusabye, akanabitanga alagishe mama bene wabo lazasangira ibibazo byakomeye.

Agufatiye Minisitiri w'Intebi, utegeka igihugu, amugira umutwenduga.

Agufatiye Minisitiri utegeka Ingabo amugira umutwenduga.

Agufatiye RUTAYISIRE ushinzwe Iperereza muri Jandarimeri abaye umutwenduga.

Agufatiye KARANGWA ushinzwe Iperereza muri MINADEF abaye umutwenduga.

Agufatiye KATABARWA, umututsi waketsweho ubukotanyi, amuhaye imipaka yose y'u Rwanda

Agufatiye Ubukungu n'Inganda alchaye umutwenduga.

Yewe, HABYARIMANA nubwo tumushigikiye nareba nabi bariya bagaboo baranugirira ibyo yagiriye KAYIBANDA.

KANGURA yifatanyije n'abantu bose bababajwe na bariya ibibazo.

**KA02 1577**

**SOBOLIRWA yifurije abanyarwanda bose umwaka mushya muhire wa  
1992. Ibinyobwa bya PEPSI bitugereho.**

**Ibinyobwa bya PEPSI bitugereho**